

3

KA02 1063


0 FIE

# BURYA MAJYAMBERE NI IGIHANGANGE KOKO!

KA02 1063

## MANZI DJAMARI YIHAKANA KAJEGU HAKWA

### ITORA RY'ABATEGETSI MURI KANGURA ABANYABUTARE NABABWIRA IKI!



N° 3 ANNÉE 1990

BIMENSUEL INDEPENDANT  
RÉDACTION GISENYI INFO.  
B.P. 19 GISENYI — B.P. 1312 KIGALI

Abonnement annuel : 1000 FRW  
Afrique 2000 FRW  
Europe 2500 FRW  
Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI

Irushanwa ryo gutanga amakuru muri KANGURA! Mu rwego rwo gushyigikira itangaza-makuru dufashijwe na bagira neza ubwo KANGURA igitangira dusanze byaba byiza dukoresheje irushanwa ryo gutanga amakuru. Yaba aya politiki, ibyubukungu bw'igihugu imibereho y'abaturage

ndetse na SPORT. Uwifuza gukora iri rushanwa agomba kohereza inyandiko ye asobanura niba ari inyandiko isanzwe cyangwa se iyo yifuza kuzatanga muri concours presse. — Hari na batifuza guhemberwa ibitekerezo bagejeje ku bandi iyo nkunga rwose tuzahora tuyibashimira ni bakomeza ku

tugezaho ibitekerezo byabo natwe tubitangaze muri KANGURA ibe KANGURA koko.

Hazaba nibura umuntu uzaba yarasohotse mu nimeru zirenga 8 kandi inyandiko ye igashimwa na basomyi bacu kuko ari nabo bazatanga amanota, bakurikije inyigisho ziboneka mu byo banditse.

#### AMABWIRIZA YA CONCOURS-PRESSE KANGURA.

- 1<sup>o</sup> Gutegura inyandiko yerekana inzira u Rwanda rwanyuramo muri Politique, haba mu bukungu mu mibereho ya buri munsu y'umunyarwanda, cyangwa ibindi byatanga inyigisho.
- 2<sup>o</sup> Kutarenza amapaje abiri yandikishijwe imashini.
- 3<sup>o</sup> Kuba uri umunyarwanda utuye mu Rwanda.
- 4<sup>o</sup> Kutagira Inzego z'Ubutegetsi utinya uhereye kuri Perezidansi ukamanura.

- 5<sup>o</sup> Inyandiko ya mbere igomba guherekezwa n'ifoto ntoya n'umwirondoro.
- 6<sup>o</sup> Hazahembwa batatu ba mbere.
- 7<sup>o</sup> Uwa mbere azahabwa igare rishya.
- 8<sup>o</sup> Uwa kabiri azahabwa tike y'indege Kigali-Bujumbura.
- 9<sup>o</sup> Uwa gatatu azahabwa tike ya Bus-Kigali-Kampala.
- 10<sup>o</sup> Tuzajya dutangaza muri buri nimeru inyandiko twabonye.
- 11<sup>o</sup> Amanota azatangwa n'abasomyi bazaba barashimye inyandiko, naho

- GISENYI INFO itange ibihembo.  
12<sup>o</sup> Kuva kuri nimeru 4 — buri muntu uzemererwa inyandiko ye azajya ahabwa nimeru yasohotse.

Nababwira iki ni mwandike musesengure ibintu binyuranye, muhere mu nzego zo hejuru mugana hasi.

Tubifurije gutsinda dore aderesi zacu :

CONCOURS-PRESSE KANGURA  
B.P. 1312 KIGALI B.P. 19 GISENYI  
« TELE 40625 »

Murakoze.

### BOULANGEGI (Boulangerie de Gisenyi)

B.P. 23 Gisenyi Tél.: 40313

### CHEZ HABIB MUSSA, à côté du Marché

ALIMENTATION GENERALE

Une gamme de Produits de marque variées :

LAIT MILEX, JUS MARACUJA, Confiture KONFIGI, Biscuits COOKIRWA et autres

Du Pain de la meilleure qualité :

SANDWICHES, CAMPAGNES, CROISSANTS, FRANÇAIS, PAIN AU LAIT.



### HIPPO LODGE MOTEL.

Un nouveau Motel vous est ouvert: un Motel à votre goût, celui que vous attendiez.

Venez découvrir :

- La fraîcheur du Lac MUHAZI.
- Les hippopotames du Lac MUHAZI.
- Les spécialistes «HIPPO LODGE» avec des meilleurs cuisiniers.

Contactez METRO-PAUL Restaurant à la Gare-Routière de Kigali.

B.P. 2177. Tél. : 73424 - 76215.

HIPPO LODGE à 3000 m de la route RWAMAGANA-KAYONZA.

### HIPPO LODGE MOTEL.

Ibyo mwari mwarabuze niho muzabisanga :

- Akayaga ko kuri Muhazi gashushanya ako mu ijuru.
- Amafi meza yo muri Muhazi.
- Imvubu zitatse Muhazi.

Ni ku muhanda RWAMAGANA-KAYONZA.



## EDITORIAL.

KA02 1065

### ***Uko byagenze!!!***

Inzego z'umutekano zishyamiranye nitangaza makuru singombwa ko nimirwa nsubiramo integano zi kinyamakuru cyacu KANGURA kuko nabibajije bihagije muribuka ko munimero zahise navuze yuko uwo ikinyamakuru kizajya kivuga ibitari byo, ko yajya yihutira kubitumenyeshya maze natwe tugakora anketi yagaragaza aho ukuri kubivugwa guherereye. Ndetse na bya binyamakuru byo mu mahanga byandikaga ku Rwanda na vuzze ko, aho kujya mubisoma mwihishe ahubwo nzajya ntangaza uko byari byanditse, maze ndebe umutegetsu urebwa nibyavuzwe agire icyo abivugaho.

### ***Uti byagenze bite.***

Mu numero ya kabiri ya KANGURA nabagejejeho zimwe mu nzandiko za KIGELI yandikira abayoboze be baba mu Rwanda, ku buryo nari nabonye n'amafoto y'abakungu bakomeye bibera i Kigali, yafashwe bari mu nama zimpunzi hanze, n'ukuntu batangaza amaturo yo gufasha izo mpunzi bigaragara kuri ayo mafoto nyamara se sinahamagawe ikitaraganya ubwo nkicazwa imbere y'imashini ngo ninsobanure ukuntu nashyizeho ikinyamakuru cyo guteranya abahutu n'abatutsi... n'ubwo ibisobanuro natanze batabyemeye ko ari ukuri.

Ntibyatumye ndacibwa ihazabu ya 5.000 Frw ngo ninongera kugaragaza inyangiko zikomeye kuriya ngo akanjye kazaba karangiye. Biyibagije ko umunyamakuru wigenga aba na we ari maneko, nkora anketi yo gutangariza imbaga mu gihe nk'abo bazihisha, usibye nje wabyanditse se muri mwe ninde utazi ko buri mututsi ababajwe na bene wabo babahanze? Murahire ko ziriya nyandiko natangaje hafi ya batutsi bose bakomeye batazitunze mu mazu yabo. Biriya binyamakuru by'impunzi navuze n'uwuhe mututsi ukomeye utabisoma?

Ndetse n'abahutu babashakashatsi nabo barabifite, sinshoboye kubagezaho imigambi y'impunzi zifite muri iyi minsi ubwo ziriya nzego nizimanya neza ko buri munyarwanda yagombye kumenya imigambi yabashaka kutubaza amahoro ubwo nzabibabwirira.

Bamwe ngo mu bakungu 100 bo mu Rwanda 70 n'abatutsi ngo nibo bafite pouvoir-économique, ngo bamwe bamaze kurengwa none barifuza na pouvoir-administratif aribwo butegetsu ngo bibagiwe ko bakize nyuma ya 1973 ibi nibivugwa nyuma ya dosiye ya KAJEGUHAKWA ku buryo hari nabasesengura bakagira bati ubwo buri mututsi umaze gukira yihutira gukorana imishyikirano nizo mpunzi ziri hanze ngo byanze bikunze hari imigambi ifatirwa muri ayo manama twe tutazi.

Imwe muri iyo migambi rero niyo bambujije ku bagezaho uzabishaka kandi bimureba azansange mu biro mwereke nayo mafoto ngo abahutu bafite ubutegetsu nyuma yigihe kirekire dutegukwa na cyami kandi nta mwami w'umuhutu cyangwa w'umutwa wabayeho twaje kwipakurura izo ngoma maze haba amatora yakozwe muri demokarasi za pamehutu ziratsinda abayobozi bayo nabo baza kunanirwa nibwo havutse M.R.N.D. nubwa HABYARIMANA yari muri PAR-MEHUTU, yanze gukomeza iryo shyamba ahitamo kudushyiriraho ishyamba ryaje kutubumba twese ABAHUTU, ABATWA, ABATUTSI, twese duhumeka umwuka umwe. W'ubumwe na mahoro byobizatumye mu majyambere, muri muvoma nta bwoko busumba ubundi nta dini iruta indi nta karere karuta akandi twese dukorere u rwatubuyaye.

Buri mutegutsi yagombye gutegekeshya ibitekerezo bikuze mu mutwe we kuko ariho hagaragarira ubuhanga buzira ishyamba, byaduteza imbere naho gutegekeshya umutima ukagaragariza umuntu mu magambo ko umushyigikiye naho imbere waraboze, ndabona nta demokarasi irimo. Ese iriya ndwara itangiriye mu bacuruzi ni komeza ikagera mu banyepolitiki, inama bakoze impunzi zikayimanya akokanya kandi twe inama zazo tutazizi twese turahire ko zitazatumye gitumye tutazi aho ziturutse tutanziteguye.

Buri muturage yagombye gusobanukirwa uko icyo kibazo giteye maze nawe yazabona byakomeye akamenya uko ya byifatamo. Ngo amadosiye ya ba Ambassadeur na

yavanyehere? Ngo ninde wampaye uburenganzira bwo kubandagaza mu binyamakuru none se ko radiyo rwanda mu matangazo yahawe ryavuye mu nama ya guverinoma itasobanuye niba ari ukwirukanwa guhindurirwa imirimo se cyangwa Pansiyo ni kuki twe twikorera ku giti cyacu tutatangaza ibyo bintu ko tubatunabifitiye gihamya.

Nkubu abantu benshi cyane abageze i Paris muri aya mezi abiri ashize baribaza icyatwitse inzu ya Ambassadeur, ni kuki se byo tutabishyira ahagaragara? Ngo singire icyo mvuga ku wari uhagarariye u Rwanda muri CANADA cyangwa se mu budage nyamara u Rwanda rumaze gutera imbere muri demokarasi mushatse mwajya mureka tukibwirira abaturage uko byose bimeze. Kuko muri za 1980 ubwo ibiro by'iperereza byayoborwaga na Majoro LIZINDE nta kinyamakuru cyigenga cyashoboraga kubaho cyangwa se ngo umuntu aburane n'ibiro by'iperereza maze LIZINDE ntamunyuzeho...

Indi nkuru ivugwa muri iyi minsi n'uko KAJEGUKWA atashimishijwe n'ukuntu urukiko rwacye urubanza rwe adahari none yiyemeje kuzana umuburanira kandi nawe noneho akazaba ahibereye ngo agasobanura urujijo ruri muri ruriya rubanza ndetse nibyo apfa n'abategetsu ngo azabisonura. Abonereho no kuvuga impamvu yirukanye abakozi benshi icyarimwe n'icyatumye ahagarika ama station ya za lisanzu ubwo n'amadeni amuvugwaho azagira icyo ayavugaho ubwe. Sinarangiza uko byagenze ntazigize icyo mvuga kuri Perefe wa Butare ngo waba waratanze itegeko ryo kwica abaziranenge bo bazayobora u Rwanda rweje? Perefe we, n'ubwo wari utewe amabuye iyo uhunga dore ko byari byoroshye kuko wari ukikijwe na ba G.D., maze nawe ugashyikiriza ikirego cyawe ubucamanza nyamara ziriya mbunda abasirikare bitwaza, mu byo bashinze bene kuzigendana kurasa abene gihugu byo nta birimo. Iriya mbunda bazihereye guhosha abanzi b'igihugu kandi ndakeka ko abanyeshuri batarimo.

Ese nubwo uri muri Komite Nyobozi ya M.R.N.D. aho uribuka ko itegeko ryo kurasa ritakureba? Ese

wibutse ko ibyagisirikare bifite amategeko abigenga? Ese uwo mu kaporali wemeye kurasa atabajije Sergent we byaje bite? Perefe we ese waba warakurikiranije hafi ibyabereye muri Kaminuza y'i Rubumbashi? Ese ko uri Perefe nawe akaba ari guverineri w'i Rubumbashi mwese ko mbona mwarakoze ibyaha bingana aho wowe uwaguhagarika imbere y'intumwa za rubanda aho wamenya kwisobanura? Wibuke ko abadepite bo muri Zayire

basabye gouverneur wa SHABA irimo Lubumbashi gufungwa turagutegereje nawe ngo uzasobanurire abadepite aho buriya bubasha wabukuye. Nako, mu gihe tugitegereje imyanzuro Anketi izageraho turasaba Leta kugurira aba G.D. bya byuka biryana mu maso niba ntabiragurwa akaba aribyo bajya bakoresha mu bihe nka buriya aho kubarundamo abantu amasasu???

Naho ku byerekeye abahutu n'abatutsi sinzi ko hari uwajya ku gasozi

ngo yihandagaze avuge ko nta kibazo cyirihwo mu Rwanda cyane cyane mu bakungu na bajijutse b'ubwo bwoko igisubizo cyatangwa n'umuntu ku giti cye.

NGEZE Hassan  
GISENYI-INFO

Murakoze.

## BURYA MAJYAMBERE NI IGIHANGANGE KOKO!

### IBINYAMAKURU BIMWE BIGIYE GUKIRIRA KU MANZA ZA P.D.G. MAJYAMBERE.

Muri KANGURA N° 2 nasomyemo ibyerekeye urubanza rwa SEMUSAMBI na NDUWAYEZU bintera kwibaza impamvu muri iyi minsi ibinyamakuru byacu birangajwe no kwandika imanza abantu bafitanye n'abandi aho kwandika ibitekerezo byagirira imbaga nyamwinshi akamaro. Tutagiye kure, uretse urwo rubanza rwa SEMUSAMBI na NDUWAYEZU rwarangiye tukaba twibaza noneho UMURANGA icyo uzajya wandika, muribuka urwa RUHAMANYA rwasohotse hafi mu binyamakuru byose, urwa HANGIMANA François, urwa MAJYAMBERE na HABYALIMANA Jean, n'izindi...

Ikintu cyantangaje ni uko ejo nagiyeye kugura Igazeti ya Leta nsangamo urubanza rwa MAJYAMBERE Silas na RWANDA FOAM, rwatumye bandika amavu n'amavuko ya RWANDA FOAM ku buryo byafashe amapaje 33 mu Igazeti ya Leta. Hagomba kuba haratanzwe akayabo k'amafaranga! Byarantangaje kuko bwari ubwa mbere mbona urubanza mu Igazeti ya Leta ku buryo byatumye nibaza niba MAJYAMBERE atari igihangange koko nk'uko abamuzi numva bamuvuga.

Ariko se yakaba igihangange bwose, mu binyamakuru niwe tugiye kujya dusoma gusa? Aratsinda urubanza ngo SEMUSAMBI na KANGUKA nimwandike! Yagirana ikibazo cy'akazi n'umutegetsi uyu n'uyu,

amabarwa bandikiranye agatangazwa muri ibyo binyamakuru. Yemwe n'abagize Komite Nyobozi n'aba Minisitiri twubaha ntabarebera izuba! Aha mwaba mwibuka amabarwa yasohoye mu UMURANGA N° 2 agira ngo yandagaze umwe mu bagize Komite Nyobozi ya Muvoma nyamara ngo ubwo Minisitiri w'Ubutabera yari yamugiriye inama yo kubireka, ndetse na KANGUKA yanga kubandika. Nibwo yanyarukiye kwa SEMUSAMBI mu Gakinjiro. Ubanza yari azi ko yiharurutswe wa mugani wa KANGUKA kandi ko iwe abanyamatiku badahejwe. Ese ko ayo mabarwa yari yayabonye mu rwego rw'akazi akayajyana mu binyamakuru, mu muryango w'Inganda n'Ubucuruzi ho nta banga ry'akazi rihaba?

Usibye abo bo hejuru, abategetsi bo hasi, cyane cyane abashinzwe umutekano bo bagomba kuba baragatoye! None se ko tumubona ari mu bagize Komite Nyobozi, cyangwa se ari kurwanira kujya kuramutsa Perezida wa Repubulika hamwe n'abe, aba yagezeyo ate? Ku kibuga cy'indege i Kanombe ho ngo arwanira kunyura muri «Salon d'Honneur». Kubera icyo kibazo cyo guhora ashaka kuyinyuramo bakabimwangira, cyatumye akinyuza muri zimwe mu nama z'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda kugira ngo yige ukuntu Perezida w'uwo muryango yabarwa mu nzego zikomeye z'Igihugu (Membre du Corps constitué) ngo kuko ari «ambassadeur des hommes d'affaires!».

Twumva ndetse ko no mu modoka ziherekeza Umukuru w'Igihugu arwanira ko iye nayo yaba iri mu

iz'abanyacyubahiro ndetse no kwicara mu minsi mikuru y'Igihugu ngo ntatinye umwanya porotokori ya Leta iba yageneye Umunyacyubahiro uyu n'uyu. Ngo kuhamukura bikaba intambara! Uwo mugabo akunda icyubahiro ku buryo ngo yumvaga kugenda mu modoka itagira ibendera kandi yitwa «Perezida w'abacuruzi» bigayitse! Iyo yinjira iwe cyangwa ku kazi, umuzamu warangaye ntamuhe isaruti ahita ataha! Iyo asanze ari ngombwa rimwe na rimwe agendana umurinzira w'icyubahiro twagereranya na Officier d'Ordonnance.

Maze kumva ibyo byose byatumye nibaza nti icyo gihangange ni muntu ki? Umuhutu? Umututsi? Umutwa? Usibye umwirondoro nasomye muri buriya binyamakuru byavugaga imanza ze ngo ni mwene BUZANA Nicodème na MUKABURORA b'i Gikarabiro ho muri Komini Murama, akaba atuye i Ndera ya Kigali n'ibindi. Naje kumenya ko kiriya gifaransa yandikamo atari we ucyiyandikira ngo kuko nta n'ubwo yarenze amashuri abanza. Ariko ngo ku cyongereza ntuzamushake! Ni ingaragu y'imyaka 43, gusa sinabashije kumenya impamvu (niba yaba akiri isugi). Icyo nemeza ni uko ari inshuti y'urubyiruko rwo mu mugwi wa Kigali ku buryo rumwita «grand-frère» ndetse ntawe umusonzana. Iyo umubwiye uti grand-frère nabuze icyo njyana muri film cyangwa se muri danse ntakuburira iya bitanu! Iyo abonye akanya afatanyaga n'abandi ba jeunes gutegura ka boom nk'uko aherutse kudutegurira irushanwa ryo kubyina muri Café Rio muri Nyakanga umwaka ushize!

Naje kandi kumenya ko ngo mbere ya 1974 yari nka rubanda twese, ndetse ngo yigeze no kuba umushoferi. Muri

uwo mwaka yazamuwe n'umunyu wari warabuze agenda ashyiraho amasosiyete ku buryo ubu ngo ari «l'Homme le plus P.D.G. du Rwanda» (Utegeka amasosiyete menshi) ngo kandi utagira umwenda n'umwe nk'uko KANGUKA yabitugararije mu numero yayo ya 24 yasohotse muri Nzeri umwaka ushize. Usibye udufaranga miliyoni cumi n'enye n'ibihumbi magana inani na mirongo cyenda n'icyenda bigeretseho amafaranga magana atatu na cumi n'atatu (14.899.313 Frw) yishingiyeho sosiyete DANIMO muri BACAR we ku giti cy'e nta mwenda wamurangwagaho kuri iyo tariki. Gusa sinabura kwibutsa ko iyo DANIMO ayibereye P.D.G.

Ntitwavuga ariko ko MAJYAMBERE yibera mu bintu by'iraha gusa

kuko atajya yirengagiza uje amugana, apfa kumumenyera icyubahiro cy'e. Yubatse amashuri, afasha ibigo by'imfubyi, afasha uturere twazahajwe n'inzara ndetse na RAYON SPORTS ngo yaba ayitera inkunga igaragara. Ariko byari kurushaho kuba byiza iyo aza kuyifasha gukemura ikibazo cy'amafaranga yari ifite mbere y'uko ijya kudukagararira muri Kongo. Wenda ntibyari kuyigendekera nk'uko byayigendekere twese abayikunda bikatubabaza.

Nguwo umumilita muhora musomera imanza z'urudaca mu binyamakuru. Iyo umuntu azisomye usanga afite abajyanama bagomba kuba barazobereye mu by'amategeko kuko usanga imanza nyinshi azitsinda, gusa

bari bakwiye kujya bamugira inama yo kwiyubaha no kubaha abadutegeka. Ikindi kandi siwe mucuruzi ukomeye wenyine kuko hari n'abandi bashobora kuba bafite menshi kumurusha kandi biyubaha. Ese ko tubona akora biriya atarize menshi, iyo aza kuminuza hari uwari kumuva imbere? Mbese twese nitujya twandika imanza zacu mu binyamakuru aho ntibizarambirana bikazagera igihe bibura ababisoma? Ku bwanyje ndabona ari aho ubutaha, mpariye abandi basomyi.

HATEGEKIMANA Evergiste  
Rugenge-Nyarugenge-KIGALI

Burya MAJYAMBERE ni Igihangage koko!

## NANJYE NDEMEZA KO SEMUSAMBI ARI UMUNYAMATIKU.

Amaze gusoma KANGURA N° 2, SEMUSAMBI Felesiyani yafashe ikaramu maze atugezaho UMURANGA N° 11. Muri iyo nimero yatugejejeho inyandiko yise «SEMUSAMBI na MUGABO umunyamatiku ni nde?» Ibyo yabikoze ku mpapuro ebyiri n'igice maze ku zindi mpapuro SEMUSAMBI aterura, ku buryo butagaragara neza, urwandiko abepisikopi b'u Rwanda bandikiye abakirisitu.

N'ubwo urwo rwandiko rw'Abasenyeri ari rwo rugize ahanini iyo nimero ya 11 y'Umuranga, dore ko n'abenshi twatangiyeye kurusomerwa mu Kiliziya ndetse abandi bafite agatabo yasohotsemo, itiku naribonye muri irya nyandiko ya SEMUSAMBI, ari nayo ngira ngo ngarukeho.

Nk'uko SEMUSAMBI abyivugira, ngo yari agamije gusubiza bigishyushye inyandiko ya MUGABO Edouard, yasohotse muri KANGURA N° 2. SEMUSAMBI ikaramu iranyerera ati «... UMUNYAMATIKU NINDE3»... ati «Basomyi mwakurikiranye iby'urubanza rwanjye mu binyamakuru, abenshi mwabisomye mukuze, muzagereranye ibyo mwasombye n'ibyo musanzwe muzi, mubigereranye n'ibyo MUGABO Edouard yavuze muri KANGURA N° 2 maze mudukirize urubanza».

Ariko se SEMUSA, ko muri urwo rubanza uvuga watsinzwe ugakwirwa, icyo ushaka kandi ni iki? Umugabo akihanukira ngo imodoka zishe SINDAMBIWE na NYIRAMUTARAMBIRWA zari zatumwe n'ibiro bishinzwe iperereza! Hato ubwo wanatwemeza ko ya yindi imanitse ku iteme rya kijyambere hagati ya Kimihurura na Nyarugenge nayo yahashyizwe na BANDUWAYEZU... Kandi ngo haguye imbaga. Ariko se uretse SEMUHANUKA nyine ibyo urumva hari uwabivuga?

Nashoboye kumenya ko mu myaka itatu ishize agisida z'imodoka muri Perefegitura ya Kigali zahitanye abantu ku buryo bukurikira:

— Mu mwaka w'i 1987, habaye impanuka 2.481 muri zo ngo 92 zahise zihitana abantu ako kanya. Muri 1988 impanuka zabaye 2.244; muri zo 56 zihitana abantu ako kanya. Muri 1989, impanuka zakabakabaye mu bihumbi bibiri (2.000), muri zo izirenga 80 zihitana abantu ako kanya. Buri mpanuka ntawumenyaga umubare w'abantu yahitanye kuko ishobora guhitana umwe cyangwa benshi; ndetse bamwe bapfira mu bitaro.

Iriya mibare irekera ko impanuka z'imodoka zihitana abantu ari nyinshi. N'ubwo imibare y'igihugu cyose ntayizi, i Kigali ni ho haba nyinshi. Impamvu z'izo agisida na zo ni nyinshi. Hari kwihuta, ubusinzi, kutubahiriza

amategeko y'umuhanda, ubuswa bw'abashoferi, imihanda mibi n'ibindi. Uretse na none ko abo bose bahitanwa n'impanuka atari bo ngombwa baba bakoze amakosa ahubwo ishobora kuva no ku makosa y'abo baba bari kumwe mu muhanda. Ibyo abajandarume cyangwa Abagenzacyaha ni bo bashobora kubisobanura.

SEMUSAMBI se, ko utari umujandarume, ntube umugenzacyaha, ko utanatubwira ko izo agisida zabaye uhagaze, ibyo wemeza ubikura he?

Yeee..., uti imodoka zishe NYIRAMUTARAMBIRWA na SINDAMBIWE zari gatumwe k'ibiro by'iperereza, ese mama imodoka zishe ba Lt. Colonel NSHIMYABAREZI na BALIYANGA Alphonse zo zatumwe na nde? Major NDAMIYINKA se we da?!

Uti abo ni Abasirikari simbizi, none se ko Depite NGARUYE Thomas n'umutegarugori NYIRAKAMANA Spéciose wari umaze gutorwa mu bayobozi ba URAMA, na bo bazize imodoka, zo ni nde bazibateje? ... Njya numva ko Docteur MUGANZA wagonze mu gicuku igisima kigabanya umuhanda mu kabiri we yatezwe na nde? Ubu nihagira ugirira agisida muri Rond Point i Kigali bazagira ngo yari yatezwe kiriya gikamyo cyo muri Zambiya kihamaze ibyumweru kihapfiriye!





Harya ngo MUGABO Edouard ni «Directeur w'amatiku?» Nduvya ubwo warashyizeho na Minisitiri y'amatiku..., ubuyobozi bwayo ntazabukuburanya ni ubwawe!

Ahubwo rero SEMUSAMBI, dore wasabye abasheshe akanguhe kugukiriza urubanza, reka nkugire inama «iyo Minisitiri yawe y'amatiku nje sinyishingiye... reka gucuruza ibinyoma, amafaranga mirongo itanu asigaye ari menshi... shaka icyateza u Rwanda imbere ibihe birakomeye...». Ese ye bariya Bepisikopi bakuburanyije aho wabona igiswayiri usubiza? None se kubona ruriya rwandiko rwabo (Lettre pastorale), nako kariya gatabo kabo, kagurwa ubusanzwe amafaranga makumyabiri ariko wowe wagakorera fotokopi, ukakagurisha 50 ngo ni uko gasohotse?

BARANYERETSE MUSTAPHA Alias GISENYI

**ITANGAZO.**

**TURASABA UWABA YARABESHYEWU NI BINYAMAKURU BYO MU RWANDA CYANGWA SE IBY'AMAHANGA KU BITUMENYESHA VUBA NATWE TUKAGIRA ICYO TUBIVUGAHO.**

**MUTWANDIKIRE KURI B.P. 1312 KIGALI CYANGWA B.P. 19 GISENYI.**

## MWENE SEMUSAMBI ASUBIZA MUGABO.

Ku muyobozi wa KANGURA, NGEZE

Ku bayobozi b'ikinyamakuru KANGURA,

Nitwa NDIKUBWIMANA Jean Baptiste, nkaba ndi imfura ya SEMUSAMBI. Amahoro y'Imana abane namwe ku kazi kanyu, ndagira ngo nanjye ngeze ku bandi basomyi b'ikinyamakuru cyanyu ibyerekeye SEMUSAMBI hamwe na KANGUKA.

Nkuko MUGABO Edouard nawe yabivuzeho cyakora kubera ko ndi Umukristo, ndagira ngo tubanze

Dusenge, kugira ngo Imana yumve ibitekerezo byacu, maze idusanganyemo Urukundo.

Mana urebeshe Umutima w'imbabazi u Rwanda rwacu, maze abashaka kuduteranya ubahe umutima wo kwisubiraho kandi ufashe abategetsi bacu nabo kutumva impuha n'amabwire ahubwo bakomeze ubutabera, tubisabye mu izina rya Yesu Kristo Umwami wacu.

Nkuko rero muri iyi minsi inkuru ivugwa cyane ari iya SEMUSAMBI, ibye mwarabikurikiranye bihagije, ariko nje ndashaka kwisubiriza MUGABO. Ese SEMUSAMBI kuvuga ko ari umunyamatiku aho wowe nturi gashoza ntambara? Ese ko nabonye utwibutsa

ibiyabaye muri 59 ukatwereka IFOTO ya J.B. NDAHINDURWA, ubwo washakaga kugera kuki? Perezida wacu HABYARIMANA yatubwiye ko nta munyarwanda ukitwa impunzi, kuko igihe cyabyo cyarangiye, avuga ko afite ubushobozi yaza akahaba mu Rwanda, ariko kubera ko u Rwanda rutagifite ubutaka buhagije umuntu wese afite uburenganzira bwo kuza (akibera) akirebera uko yazarubamo imihanda yarafunguwe, KAMPALA, KIGALI n'ahandi nta munyarwanda ugihezwa.

Ese ujya gushyira izo nyandiko za J.B. NDAHINDURWA muri KANGURA, wagira ngo abanyarwanda ubibutse iki? Ese ujya gushyira ifoto ya

## KA02 1069

**KAYIBANDA** kuri **KANGURA** washakaga kugera kuki? Ibyo byose ushaka yuko wahindura imitwe y'abanyarwanda ibibutsa ibyakera! uribeshya abanyarwanda bubu barajijutse bazi ukuri n'ibinyoma, ndondoye ibyawe nasanga ahubwo uri gateranyamiryango.

Ese inyandiko cyangwa amasezerano ya **RWIGARA Assinapol** yagiranye na **KANGURA** ujya kuyiba kandi wari umukozi wabo ibyo byose ntibigaragaraza ibyo ushaka kugeraho ko aribyo guteranya abanyarwanda? N'ukuri ibyo nasomye muri **KANGURA** byose nabyitiriye wowe.

Ariko rero umunyamakuru twamugereranya n'umuhanuzi mu bihe bya kera nk'uko tubisoma muri **BIBILIYA**, umuhanuzi watumwe n'Imana yarahanuraga abadashaka kumva iby'Imana ibabuza bakamugirira ibyamfura mbi, ariko nyuma ibyo yabaga yavuze byaragaragaraga na **SEMUSAMBI** yarahanuye nyuma aya mu buroko, twamugereranya n'umuhanuzi **YEREMIYA**, uzasoma **Bibiliya** uzabisobanukirwa uko yabwiye abayisirayeli bicyo gihe.

None na **SEMUSAMBI** ni **Yeremiya** ubu nk'uko nawe ahanura ariko abanga kumva ukuri ntibumve ibyavugaga, ibyo yavuze muri za 68 nyuma byaragaragaye kandi n'Umukuru w'Igihugu nicyo cyatumye abimuhera ishimwe.

Nuko rero icyo nagusabaga, nagusaba kuzajya ubanza gusenga kugira ngo Imana igufashe utazibwira yuko uhanurira Imana, nyamara ukorera sekibi, kuko abavugaga ukuri igihe kiragera ibyabo bikagaragara, n'abanyabinyoma nabo n'uko.

Nongeye kwifuriza abanyarwanda bene wacu bari mu mahanga yuko natwe tubifuriza amahoro n'amahirwe, kandi ko uzashobora kurugenderera adahejwe.

None rero **MUGABO**, ibyo werekanye byose mu nyandiko zawe bigaragaza rwose ko nt'amahoro wifuriza abanyarwanda. Ibyerekeye urwandiko rwa **J.B. NDAHINDURWA** wibye hamwe na amasezerano ya **Assinapol** na **KANGUKA** n'ibindi byinshi wagiye urondora muri **KANGURA**, ndabona neza ko aho buribukere n'inyandiko za Leta uraba wamazze kuziba.

Ahubwo n'inshuti zawe, ari abategetsi, cyangwa abikorera ku giti cyabo bakugendere kure, naho ubundi abana b'u Rwanda ndabona ubageze kubuce.

Nongeraga gusaba abasomyi b'inyandiko za **SEMUSAMBI** na **MUGABO** n'iz'abandi kuzajya mushishoza, maze abo Imana yahaye kuyihanurira bakagaragara nabashaka gutanga abana burwanda bahanurira sekibi nabo bakagaragara.

Nongeye gusaba abantu bose duhuriye kubu kristo gusabira abanyarwanda bose ari abari mu gihugu cyangwa hanze kugira ngo ibibazo byacu dusangiye Imana ariyo izabidufashamo maze tubane mu mahoro mu bumwe.

Abo bahanuzi ba sekibi yashinze kwiba inyandiko mu zabandi mubamaganire kure, kandi nabo bisubireho kuko iminsi y'igisambo itajya irenga irindwi.

Nongeye kwifuriza ibinyamakuru aribyo **KANGUKA**, **KINYAMATEKA** n'**UMURANGA** kuko aribyo sekibi yibanzeho ashushanya gukomera bigasagamba, biharanira icyateza abanyarwanda twese akamaro, kandi nongeye gusaba abayobozi ba **KANGURA** gutangaza iyi nyandiko yanjye nkuko nanjye nyibagejejeho kandi nkaba ndi umusomyi wa **KANGURA**.

Ahasigaye basomyi bibinyamakuru shitanu yameze amahembe, ubwo ibinyamakuru byiyongera ni nako nayo ikaza umurego murushaho gusenga ejo itazatumwaza imbere y'amahanga.

Ubifuriza amahoro n'amahirwe.

**NDIKUBWIMANA Jean Baptiste.**

Commission Baptiste au Rwanda  
B.P. 1184 Kigali

## YEWE MWENE SEMUSAMBI ARISEKEREZA GUSA!

Duhereye kuri iyi baruwa ya mwene **SEMUSAMBI** turakeka ko hari benshi bibaza impamvu twabagejejeho ibaruwa n'ifoto ya **KIGELI** ndetse tukanashyiraho ifoto ya **KAYIBANDA** ku kinyamakuru cyacu. Mwene **SEMUSAMBI** we arasa n'utwiyama ngo turashaka guhindura imitwe y'abanyarwanda tubibutsa ibya kera! Iyaba se nyine twabigeragaho!

Ariko se niba dukorera Sekibi uwo, abigisha amateka nabo niwe bakorerwa? Nzi neza ko no muri Kaminuza hari ishami ry'amateka, uretse ko iry'abahanuzi ritarahagera! Turakeka ko bimwe mu byo kwigisha amateka bigamije ari ukwibutsa ibya kera kugira ngo bidufashe kumva iby'ubu, binadufasha gutegura no kwitegura ibizaza. Ni byiza kumenya aho ujya iyo uzi n'iyoye uturutse.

Nawe mbese uzagerageze ufate urugendo rurerure ugende ureba imbere gusa nk'intama, maze uzatubwire iyo uzagarukira!! Iyo ubajije umunyarwanda w'ubu uti muzi iki ku Rwanda rwo hambere, arihanukira ati: Icyo nzi ni uko twipakuruye ingoma ya **Cyami** n'iya gikoronize, ukagira ngo nawe yari ahari! Byaba byiza se ko twakwibagirwa abari bahari batumye ubu ushobora kuvuga ibyo ngo «Twipakuruye...», ubu ukaba urya ukaryama, ukiga, ugakora, ugahembwa!!!!

Turagira nyine ngo duhindure imitwe y'abanyarwanda barebe inyuma gato bibaze bati «Ejo nari meze nte?» hanyuma bakongera bakareba imbere, bati «ejo nzamera nte?». Bamwe bakeka ko dukwiye kwibagirwa ko mu Rwanda higeze kuba umwami, ko habayeho Revolusiyo yo mu 1959 abahutu bagatwikira abatutsi

bigakomera, ko **KAYIBANDA** yarutegetse imyaka irenga icumi... None se Leta ya kabiri, yamwitiriye kiriya kibuga cyose kugira ngo tumwibagirwe?

Uzumva umunyarwanda avuze ngo «... have winyibutsa ibya kera ... ibyo byarashize...» Burya aba ashaka kuvuga ko abizi, ariko ko adashaka ko bigaruka, hari abatabizi rero, hari n'abandi babyibagiye basa n'abasinziye, abo rero nibo **KANGURA** ishaka gukangura ngo be kugenda nk'intama...

Maze rero mwene **SEMUSAMBI**, twe tubona ko bidahagije kumenya amateka y'Abayahudi twirengagije ayacu, ntaho byazatugeza rwose. Umuntu utazi amateka ye, aba ameze nk'igiti kitagira imizi.

**UBWANDITSI BWA KANGURA.**

Murakoze.

# ABAKUNDA U RWANDA TURURWANIRIRE.

Ibihe biba byinshi! Ariko ibyo turimo kubivamo, tuzabikesha Nyagasani! Ntangiye inyandiko mvuga nti: «Abakunda u Rwanda tururwanire!» Ni mu gihe. Kuko inyanga rwanda zimaze kuba nyinshi. Abasomye KANGUKA n° 41 muri «Correspondances», mwiboneye inyandiko nyinshi mu tunyuguti duto zanditswe n'abanyamahanga ku byerekeye KAJEGUHAKWA Valens. Ziri mu gifaransa (telegaramu), igifarama (ururimi rw'ababiligi bamwe) icyongereza (nk'ibarwa ya Amnesty International, wa muryango mpuzamahanga urenganura abazize ibya politiki).

Ngo KAJEGUHAKWA yugarijwe n'abasilikare? Ngo afunzwe (kumubuza ubwigenge bwe) azize iki? Ngo Igihugu cyatumye umuryango we uhunga, ngo bitewe n'ibisobanuro bidahagije ubutegetsi butanga, kuko KAJEGUHAKWA azira ikiganiro yagiranye na KANGUKA, ubutegetsi busabwe kurekera amahoro KAJEGUHAKWA. Umuryango we ukemererwa kugaruka kubana na we. Mbese kuri bo KAJEGUHAKWA ni «imfungwa y'ibitekerezo» (prisonier d'opinion). Nka Gramford PRANTICE wa Amnesty International - Londres yandikiye MUGEMANA Jean Marie Vianney, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, ndetse bimenyeshwa RWABUKWISI Vincent, umukuru wa KANGUKA.

Abakunda u Rwanda rwatubuye, rwatureze tubitekerezeho! Ibi byerekana ko hari «agatsiko mpuzamahanga k'inyanga rwanda» (réseau international de dénigrement du Rwanda). Mbise inyanga rwanda aho kuvuga ko banga ubutegetsi. Koko rero ubutegetsi burahita ntabwo buhoraho, ariko u Rwanda ruhoraho. Mbarahiye nkomeje ko ubutegetsi buhindutse byakomeza kuba uko biri. Keretse ari bo (izo nyanga rwanda) zifashe ubutegetsi. Namwe mwiyumvire. UNAR (nari nyiherutse mu ishuri mu mateka y'u Rwanda) irashaka Kamarampaka ku butegetsi bwa cyami mu Rwanda. Ni agahomamunwa!!! Ariko se, revolisiyo ya 59 yaba yaramaze iki? Dukenye indi revolisiyo se?

Kandi rero ukunda Igihugu asaba ibyavugururwa akirimo. Byaba ngombwa akaba nka «Mandela». Naho kujya ku karubanda ugashira isoni, sibyo. Ntabwo byubaka. Kandi no mu ngo iwacu niko bigenda. Umugabo atwamye umugore, nyamugore akirukanka ku musozi, aba ari kazarusenyana. Ahubwo murumvikana, mukisobanura bihagije. Iyo binaniranye muhamagaza ababyeyi bakabakiranura.

Tugaruke ku nkuru za KAJEGUHAKWA. Abantu baramuteye. Bibaho. Umusore aje kumuroga, aramufashe. Kurogwa nta gitangaza. Gufata umurozi ni amahirwe! Muri urwo rujya n'uruza rw'ibibazo, abajede baje kumurinda. Nta byiza nk'ibyo: umuntu ukomeye nka KAJEGUHAKWA, udasanze azwiho kubeshya, inkuru ze zishobora kuba ari impamo.

Nyamara, nyamara rwose ararenze akaraze telefoni abwiye ariya mahanga yose ngo yugarijwe. Ngo azize ikiganiro yagiriye «KANGUKA». Ngo umuryango we ubutegetsi bwatumye uhunga. Ariko se yavuganye n'abo banyamahanga ate? Hari ababimufashijemo. Bemeye kwirengagiza ko KAJEGUHAKWA ari we ubwe wareze kugira ngo bakunde abe «imfungwa y'ibitekerezo». Mbese «Mandela» w'u Rwanda.

Tuvuge gato kuri agisida zibera mu Rwanda. Padiri SINDAMBIWE Siliviyo aragonzwe: bibaho! M<sup>lle</sup> NYIRAMUTARAMBIRWA Felikula aragonzwe: ni umudepite; ariko ntirurobanura. Militant MUGANZA aragonzwe; nako aragonze: yari Minisitiri; nyamara nabo barapfa. Ariko ikinyamakuru «New Africa» nshidikanya ko kizi u Rwanda bihagije, kibyanditseho amapaji n'amapaji!! Kubera iki rwose? Ngo abapfuye banditse mu binyamakuru (Kinyamateka na Dialogue) inzandiko zisebya ubutegetsi, kandi ni abaturarwanda b'amajyepfo. Yego amajyaruguru n'amajyepfo si kimwe, kandi si ngombwa ko hasa, ariko hose ni u Rwanda. Inzego z'ubutegetsi bw'u Rwanda zibigaragaza ku buryo buhagije.

Ariko se ko tuzi abanditse byinshi batabizize: ba Ransoni Filibereti, uriya SEMUSAMBI Felisiyani wirirwa

abeshya ngo agira Imana!! Yayihaye iki!!! n'abandi n'abandi... Rwose Bakundarwanda agisida ziza zifite isura nyinshi. Boye kutubeshya. Nibareke kuducamo ibice. Abazi NGARUYE Tomasi (umuryango we umbabarire) wigeze kuba Depite n'urupfu rwe babitubwira. Ndetse hari n'izindi agisida nyinshi zidasanzwe ntarondora hano zabaye. Nyamara ntacyavuzwe. Ubwo se revolisiyo ya 73 yatumariye iki rwose?

Inyanga rwanda ziturimo. Ariko se banyarwanda kuki ibyo tugomba, ndetse dushobora kuvugira hano iwacu duhitamo kubiha amahanga ngo abituvugire? Muri demokarasi yacu «Démocratie Responsable» ntawigeze aniganwa ijambo (natanze ingero hejuru). N'Umukuru w'Igihugu ahora adusaba kutanigarwa ijambo. Cyakora kutaba ikiragi siko kumenya kuvuga ijambo. Ndetse no muco wacu, uzi kuvuga wese (parler) siko afata ijambo (prendre parole) iyo abagabo bateranye. Hari abantu rero batimenya, kandi imvugo yabo iba irimo «inyatsi». Uko bavuze «imisozi ikuma». Mbese abo bantu baba babuze «injyana y'ubunyamakuru» («style journalistique»).

Dukosore rero ibikosamye. Aho kwiyambaza amahanga ku bintu twishoboreye. Kandi ayo mahanga akenshi araduseka. Bati dore abana kiriya gihugu cyibarutse. Ni inyanga-gihugu. Ntibateze kukizamura.

Perezida HABYARIMANA yaduhaye urubuga. Niturukoreshe uko bikwiye. Demokarasi muri MRND, umutwe rukumbi birashoboka? Amato menshi niyo azatwambutsa inyanja y'ubukene? Dutange ibisubizo muri disipulini n'umutimanama bihagije. Cyakora icyo nzi ni uko urukundo rw'Igihugu (l'amour pour la partie) ruruta byose. Ntawe unyereza umutungo akunda Igihugu n'abagituye! Ntawe usebya Igihugu kandi agikunda — Cyaramubuye, Cyaramureze, kikamukuza!! Ntawe ukandamiza mugenzi we, kuko Igihugu akunda kiba gihomba. Burya Igihugu ni nk'Umubyeyi!!

Dukunde u Rwanda, ubukene bugabanuka, ubutabera busagambe ubwironde bukendere!!

NSENGIYUMVA  
KIGALI



# AMASHYAKA MENSHI SIYO KAMARA KUGIRA NGO UBUTEGETSI BW'U RWANDA BURANGWE NA DEMOKARASI.

Hirya no hino muri Afurika, abanyeshuri n'abakozi ba Leta bigomeka k'ubutegetsi ngo barashaka amashyaka menshi bibeshya ko ari yo kamara kugira ngo Demokarasi ihabwe intebe.

Abanyarwanda ntabwo tugomba guturama, kuko natwe iwacu Demokarasi ituzuye. Ariko na none, tugomba kwirinda gukoreshwa n'igitugu cyangwa igitutu by'ibihugu bigendera kuri politike ya mpatse ibihugu. Iyi nyandiko, ni umuganda nzanye kugira ngo inzu ya Demokarasi mu Rwanda izabe umutamenwa.

Ese ugeze mu gihugu wabwirwa n'iki ko Demokarasi yashinze imizi mu baturage? Iyo ibyifuzo byose by'abaturage bose bishyizwe ahagaragara, maze buri wese agasobanura atishisha, ibibazo byose abona mu gihugu cye ariko cyane cyane akerekana n'ukuntu ibyo bibazo byose byabonerwa ibisubizo ku buryo butunganiye abatuye igihugu bose.

Indi ngingo ya kabiri ni igihe ubona ko abenegihugu bose bareshya imbere y'amategeko. Ntihakire uhembwa atakoze, kandi yenda hari uwakoze ariko agakandamizwa kubera idini rye, ubwoko bwe, akarere avukamo cyangwa se igitsina cye n'ibindi.

Ariko izi ngingo zonyine ntizihagije, kuko kugira ngo Demokarasi ihame koko, abenegihugu bagomba kwishyira bakizana mu gihugu cyabo, kandi uburenganzira bwose bw'ikiremwa muntu bukubahirizwa.

Mu gihugu usanze izi ngingo zubahirizwa, ushobora kwemera ko ubwo butegetsi burangwa na Demokarasi. Ariko Demokarasi ishingira cyane cyane imizi mu benegihugu bose iyo ubutegetsi nshinga-mategeko, ubutegetsi nyubahiriza-mategeko



n'ubucamanza, ubona mu mikorere yabwo busenyera ku mugenzi umwe, ariko butandukanye.

Ariko se banyarwanda, banyarwandakazi, twese tumenye uko tureshya, twese dusezereye ubusambo, twese dukoresheje imbaraga zacu zose, mu mahoro n'ubumwe, koko, murabona kudashobora gutuza demokarasi mu Rwanda, tutiriwe dushinga amashyaka menshi yo kudutanyanya? Twese tubyiyemeje birashoboka.

Nimuzane intekerezo zanyu vuba, maze ziriya ngingo uko ari 4 twerekane ukuntu zashyirwa mu bikorwa mu Rwanda. Mu nyandiko y'ubutaha nzatangira kwerekana ukuntu ibyifuzo byose by'abenegihugu bose byashyirwa ahagaragara. Ingero ni ngombwa!

Byanditswe na RUBERA Papiyasi,  
umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda  
Ikigo cyo mu Ruhengeri  
B.P. 44 RUHENGURI  
i Nyakinama le 14 Kamena 1990

KANGURA nkunda uraho neza?  
Urakaza urisanga! Twe abagusogo-

ngeye turagusanganiye urakaza neza urisanga. Uvutse vuba ariko mubo wanyuze nanjye ndimo ndetse sinjye gusa wanyuze kuko ibyo byagaragariye henshi muri iki gihugu ubwo n° 2 yawe yasohotse. Ndetse ahenshi kubona KANGURA byabaye ikibazo ndetse ku buryo le 19/6/90 utaratangaga amafaranga 100 ngo atware KANGURA na KANGUKA nta KANGURA yabonaga. Ukwiye kubishimirwa by'umwihariko. Komera, shikama nkwiwifurije kuza neza. Turagushyigikiye.

KANGURA rero mbanje kongera kugushimira ku giti cyanjye, ndetse n'abandi bakunda urwababyaye kuba warashoboye kutugezaho ibyo tutigeze dutakereza cyangwa se ngo tubirote mu nzizi. Ibyo rero rwose ni akarusho ku buryo na Leta ibishoboye yakwishingira ubuzima bwawe kuko biragaragara ko ubaye intwari idasanzwe. Mbese njye nakwita umumilita wuzuye koko uri amaso ya M.R.N.D. Ese mama kuki nta kindi kinyamakuru kiragira icyo gitangaza kuri biriya watugejejeho by'UMWAMI KIGELI.

Ahubwo ugasanga bihurira ku makuru yo mu Gakinjoro cyangwa ku muntu wibye igitoke, aho kumenya ibibazo bibangamiye igihugu aho guhatiriza mu gusebanya no guterana amagambo bigahuriza ku mutekano w'Igihugu cyacu.

KANGURA rero naragusomye ndetse mfata umugambi wo kudacikwa na numero n'imwe yawe, kuko kugusoma umuntu akagusubira. Kwibaza no kwiyemeza kwawe ukwiye

kuzabishimirwa na benshi muri iki gihugu cyacu.

KANGURA rero ngusabye ko wanshimira cyane abagukunda kuko gusoma KANGURA nasanze wuzuye ukuri kandi koko uburira Igihugu aho icyuho kiri. Nshimiye umuyobozi wa KANGURA kandi nasaba n'abategetsi b'igihugu kurinda ubuzima bwawe kugira ngo utazazira ukuri n'agatoke watungiyeye igihugu.

Nkwifuriye gusagamba mu kuri urangwana no kwitangira igihugu cyakwibarutse utaretse n'abavandimwe tugisangiye. Nimugumye mutube hafi kandi mutugezeho ibyo mubona ari ngombwa.

N.B. Iyi nyandiko yanjye ngusabye kuyitambutsa muri KANGURA N° 3.

Ngaho hirwa na Byose turagutegereje.

Umusomyi ugukunda.

Aminadab MUDAHARANA

## ABANYESHURI BA KAMINUZA YO MU RUHENGERI BARIFUZA KO PEREFE WA BUTARE YAKURIKIRANWA.

Ntibyari bimenyerewe ko abanyeshuri bo muri Kaminuza y'u Rwanda basubika amasomo umwaka w'amashuri ugiye kurangira, ntibisanzwe ariko byarabaye. Impamvu se ni iyihe? Mu gitondo ku wa gatanu tariki ya mbere Kamena 1990 niho inkuru y'incamugongo yageze muri Kaminuza y'u Rwanda ikigo cy'i Nyakinama ivuga ko RWANYONGA Tewodori yishwe n'abasirikari, abandi banyeshuri bagakomereka bikomeye. Ibyo bikuru bamwe twabifataga nk'ibihaha kuko byari birenze ukwemera.

Iyo nkuru twayemejwe n'umunyeshuri w'i Butare wari uje kutubikira mugenzi wacu RWANYONGA. Nyirabayazana ni umunyeshuri witwa REBERO Yozefu ngo aherekajwe n'umukobwa w'incuti ye yagiye kwidagadura mu gitaramo cyagombaga kubera mu ngoro ya Muvoma i Butare. Noneho ngo REBERO yinjije mu mu byigano ku buryo yaba yarahutaje umusirikari: Umusirikari ntiyabihanganiye akubita REBERO Yozefu, erega ubwo bararwanye kandi twari tuziko n'inka zitakirwana. Intambara ihoshwa n'ifungwa rya REBERO Yozefu, afunguwe iki? Abanyeshuri bari baje kumubohozza baje babaza icyo kibazo ariko kubera ko bari benshi bohereza abayobozi babo ngo bajye gusobanuzwa; igisubizo babonye ni ukubasukamo urusasu.

RWANYONGA Tewodori wari umubitsi w'Ishyirahamwe ry'Abanyeshuri ahita yuma. Undi munyeshuri

acika amaboko, undi nawe ntawakwizera ko azongera kugendera ku maguru ye yombi. Abo banyeshuri bashobora gukurikira RWANYONGA. Abandi banyeshuri benshi ngo bakomerejwe ntibyabaviramo urupfu. Ikitumvikana ariko n'uko abo basirikari ubusanzwe batatinyukaga kurasa, uwo munsu barashe kandi KARANGWA Ferederiko Perefe wa Butare yari abari iruhande. Ese yaba ari we watanze uruhusa rwo kurasa? Reka mbe ndetse gusubiza.

Icyakora biravugwa ko KARANGWA Ferederiko atubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Ngirango ntawe utarumvise ko muri ya mibonano Minisitiri w'Ubutegetsi n'Amajyambere ya Komini yagirana n'abaturage b'i Butare, hari umumilita wabajije impamvu abategetsi bamwe bumva bakomeye, baremereye, kurusha amategeko. Ngo umutegetsi wavugwaga ashobora kuba ari KARANGWA. Tukimara kumva iyo nkuru twaguye mu kantu. Mu nama rusange y'abanyeshuri bo muri Kaminuza ikigo cy'i Nyakinama twese twiyemeje gusangira akababaro n'abanyeshuri b'i Butare mu cyunamo bari batewe n'urupfu rw'umubitsi w'Ishyirahamwe ryabo.

Dufata ibyemezo bibiri: 1° Gukora urugendo rw'akababaro. Urwo rugendo rwakozwe mu ituze kuva i Nyakinama tuka zenguruka umugi wa Ruhengeri tugasubira i Nyakinama. Ibyo byakwemezwa n'abasirikari bashatse kudusubiza i Nyakinama bagera nyuma bakumva ko ntaburenganzira

babifitiye. Barakoze kuko n'ibyuma bityaye bari bitwaje ndetse n'imbunda byasubiyeyo uko byaje.

2° Gusubika amasomo kugeza igihe ubutegetsi bw'i Rwanda buzaba bwerekanye ko bukora uko bushoboye ngo buvuze inkomere, bugahana n'abagizi ba nabi. Urwo rugendo rurangiye, abanyeshuri twese twiyemeza icyumweru cyose kuba mu kigo twenyine kubera impamvu nyinshi: Kubera ko zose ntazirondora ngo nzirangize reka mvuye ebyiri.

Iya mbere kwari ukwanga ko hatagira abazakudukina ku mubyimba babeshya ngo barakora kandi twibereye mu cyunamo. Iya kabiri n'iko twatinyaga ko abanyeshuri bo muri Kaminuza bakwiza amavu n'amavuko y'iraswa rya RWANYONGA Tewodori mu Rwanda hose, kuko byashoboraga gukongeza mu Rwanda hose imyigaragambyo yashoboraga gukora ibara mu gihugu. Ikindi cyaranze icyumweru cy'akababaro n'uko Umukuru w'Igihugu yemeye kuganira n'abahagarariye abanyeshuri kugira ngo ba mubwire neza akababaro kabo.

Igishimisha n'uko uwo mubyeyi w'amahoro yongeye kwerekana ko akomeye ku bumwe n'amahoro by'abanyarwanda kuko yaboneyeho umwanya wo gusaba abanyeshuri gushyigikira ubumwe n'amahoro mu banyarwanda cyane cyane ariko hagati y'abanyeshuri n'abasirikari. Mubyeyi twarabyemeye kandi ntizagutenguka cyangwa ngo tuguhatire kuri urwo rugamba rwo gukomeza ubumwe n'amahoro mu banyarwanda.

## KA02 1073

Icyumweru cy'akababaro kirangiye, twiyemeje gusubira mu masomo. Maze kuwa gatandatu mu gitondo dusaba Imana kwakira RWANYONGA Tewodori mu bwami bw'ijuru.

Muri icyo gitambo cya misa uhagarariye abanyeshuri bo muri Kaminuza ikigo cyo mu Ruhengeri yavuze ibigwi by'uwo mutabazi witangiye abandi yaboneyeho gusaba ko ibinyamakuru byajya byandika bitangaza amakuru y'ukuri, maze bikareka kubeshya rubanda. Yarangiye asaba abategetsi b'u Rwanda kubahiriza

uburenganzira bw'ikiremwa muntu cyane cyane abanyeshuri.

Nyamara dusoza icyo cyumweru cy'akababaro twibazaga impamvu abagizi ba nabi batari batarahanwa. Yego ibimenyetso simusiga byari bitaraboneka byose, ariko se nka KARANGWA Ferederiko umutegetsi ukomeye dore ari umwe mu bagize Komite santarale (Comité Central) hari uwahakana ko yasebeje u Rwanda? Ese si ikosa ryahanirwa? Yasebeje u Rwanda kuko igihe twari mu cyunamo uwo mu perefe wa Butare yatangariye kuri radiyo mpuzamahanga y'ubufu-

ransa yumvikana ku isi yose ko abanyeshuri bo muri Kaminuza y'u Rwanda ari abaswa. Ati n'ikimenyimenyi iriya myivumbagatanyo barimo bayitewe n'ibibazo by'amasomo n'ibindi bibazo baribafitanye n'abarimu babo. Ahaa!! Icyakora ndarangiza iyi nyandiko nsaba abategetsi gukurikira nira hafi ibikorwa byose bya KARANGWA Ferederiko.

Byanditswe na RUBERA Papiyasi  
Umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda  
L.E.I. Histoire B.P. 44 Ruhengeri

Nyakinama le 8 juin 1990.

# KAJEGUHAKWA NGO ARIFUZA KO URUBANZA RWE RUSUBIRWAMO. MANZI DJAMARI YIHAKANA KAJEGUHAKWA.

## PRO-JUSTIFIA.

L'an mil neuf cent quatre-vingt-dix, le 21<sup>ème</sup> jour du mois de Mai, Devant Nous BIZIMANA André, Capt, Comd Cpt GISENYI et NZABONIMPA Responsable SRP GISENYI, Officier de Police Judiciaire à compétence générale, Nous trouvant à KIGALI, comparait le nommé MANZI Djamar fils de RUHARA Saïdi RUGENZA (ev) et de KOBWA Ashoula (ev) né en 1967 à BUGARAMA-BUGARAMA-CYANGUGU, célibataire, Hutu des abasinga, Etudiant, sans biens ni antécédents judiciaires connus qui en qualité de prévenu répond à nos questions en kinyarwanda langue de son choix comme suit :

**Q.:** Mu kanya twajyanye mu BILYOGO aho wari usanzwe ucumbitse tuhavuye tujya gushaka RUKIYA i NYAMIRAMBO turi mu modoka tugaruka watubwiye ko wifuzaga ko twagira ahantu duhagarara ukagira ibintu udusobanurira ibyo bintu wifuzaga kudasobanurira ni ibihe?

**R.:** Icyo nashakaga kubabwira ni ikibazo cyavutse, icyo kibazo kikaba cyavutse ntabizi kandi hakaba umugambi ntawuzi nkaba njyewe nari nagiyeye ku Gisenyi kureba Christian; ngeze ku Gisenyi mbaza Christian umwana wari uhari; uwo mwana atangira kumbeshya ko Christian adahari

bigeze aho umwana (ni umwana usanzwe aba kwa KAJEGUHAKWA ntibuka izina) ajya kubaza Christian ko MANZI yaje avuye i Kigali; icyo gihe Christian yahise atuma'wa mwana ko akingura umuryango nkinjira mu gipangu. Icyo gihe Christian namusanze ku kazu k'umuzamu. Nahise musuhuza bigeze aho mubaza amakuru ye arambwira ngo ni meza bigeze aho arambwira ati ibintu byose nkora barabizi. Icyo gihe amaze kumbwira gutyo, naramubwira nti kuvuga ngo ibyo nkora byose urabizi n'ibiki nkora? Yahise ambaza ngo mama wanjye akora iki? Namubwiye ko mama acuruza arambwira ngo ndamubeshya. Ubwo twari turi babiri gusa noneho atangira kumbwira ati: shahu MANZI ubungubu ugiye gukubitwa. Ese ko ngiye gukubitwa ndazira iki? Mubajije nti ngiye gukubitwa kubera iki arambwira ati uzi ko papa bari bagiyeye kumwica? Icyo gihe narabimwemerereye kuko nari nabibonye muri KANGUKA; maze kumwemerera ko mbizi yahise ambwira gutya: MANZI rero ngiye kukubwira ibintu jywewe rero ndakeka ko ari bantu bitwa Colonel RWAGAFILITA, Colonel SERUBUGA na Major MUGEMANA. Yahise ambwira ati: none rero kugira ngo ibintu byumvikane neza tugiye kugukubita noneho wowe utake uvuga abo bantu ariko kugira ngo

bishobore kwemerwa uzavuge ko François ari we batumaga noneho na we akagutuma ngo uzampe uburozi kubera ko papa bamubuze, hahise haza umusore umwe witwa GANDI ankubita urushyi mu kanya haza abandi barimo ZIREMAKWINSHI na Jacques n'umuzamu waho kwa Valens ntazi izina batangira kunkubita bansukaho n'amazi, mbonye ko ngiye gupfira muri icyo gipangu kandi ngiye kuzira ibyo ntazi bahise bafata mu mifuko yanjye bavanamo porte-monnaie harimo ibyangombwa byanjye harimo umuti umupfumu yari yampaye (umupfumu w'i GOMA) werekeye protection ubwo bawuvanamo bahita bavugaga ngo ni uburozi nazanyeye, bakomeje kunkubita n'ubwo uwo muti ari uwo umupfumu yari yampaye werekeye protection kandi n'uware wanjyanye ahari.

Uware wanjyanye kuri uwo umupfumu ni umu gérant wo kuri Tam-Tam witwa Paulin, mbabwira ko ari umuti wanjye banga kubyemera nibwo bahise bajya guhamagara nyina wa Christian asanga barimo bankubita arababuza, bahita banzamurira ruguru ku nzu ya Valens, bahamagara Valens araza atangira kumbaza n'itera bwoba hamwe n'umusore wari uhagaze hejuru janjye witwa Jacques afite icyuma,

kubera gutinya ko nashoboraga gupfira muri icyo gipangu nzize ubusa icyo cyatumye mvuga amagambo atari ngombwa kuvuga. Amaze kumbaza inkota iri hejuru yanjye bahise bafata ibyo navugaga kuri cassette.

Ibyo birangiye, bahise batumaho abategetsi ariko bambwira ko ari abo muri famille yabo, bakomeje kumbaza nakomeje kuvuga ayo magambo ni uko Valens yari yamaze ku bwira ati ndangushyigikiye.

Namenye ko abo yita ko ari abo muri famille bari abatware ari uko amaze kuntanga banjyanye kuri camp ya gendarmerie. Kubera ko KAJEGUHAKWA yari yambwiye ngo aranshyigikiye nakomeje kuvuga ya magambo yo kubeshya ngeze na hano i KIGALI nkomeza kuyavuga ariko bigeze saa mbiri nza gusanga ndi kwibeshya mvuga amagambo yo kubeshya mpitamo kuvugisha ukuri ngutangira nibimenyetso. icya mbere ni uko twajyanye na Paulin i GOMA gushaka icyo miti ya protection nawe akaba ayifite muri portefeuille. Paulin we bamuhaye iby'amoko atatu bimwe byo guterera mu muryango aho aba clients binjirira kugira ngo ababone ari benshi, ibindi muni y'igitambaro cy'ameza akoreraho nibyo muri portefeuille ye bya protection. Ibya kabiri ni uko ibyo bita ibirozi bamfatanye n'ubu mbihaye Christian ntacyo byamutwara. Naho iby'amavuta byo ntabyo nigeze nkoresha kwari ukubeshya.

Ku bwanjye icyo nibaza, hari umuntu batuma kwica se kuko KAJEGUHAKWA ari nka papa kuko anyishyurira amashuri ngo mbe nabikora ntabanje no kugira uwo mbibwira?

**Q.:** Mu mvugo yawe mu byo wavugiye kwa KAJEGUHAKWA ari no mu byo waje kutubwira tugeze muri Gendarmerie ku GISENYI wakomeje kwemeza ko wakoze ikizamini muri Centre Islamique i NYAMIRAMBO cyo kujya kwiga i DUBAYI iby'idini hanyuma mugitsinda muri batatu mu bantu 30 bari bakoze. Ibyo kujya kwiga i DUBAYI byajemo bite ko ntaho bihuriye n'urupfu rwa KAJEGUHAKWA n'umuhungu we?



**R.:** Aho ibyo ntaho bihuriye n'urupfu rwa KAJEGUHAKWA ahubwo ni uko Christian yari yansabye service yo kumuzanira umukobwa nka muzanira RUKIYA bakararana muri Merdien amajoro ane nyuma nanjye mboneraho kumusaba service yo kundihira amashuri (bourse y'i DUBAYI). Ubwo namusabye ko yazandihira bourse y'i DUBAYI ansaba icyemezo cyerekana ko icyo bourse nayibonye kugira ngo anyishurire. KAJEGUHAKWA we yari yanze kunyishyurira avuga ngo ndabeshya.

**Q.:** Ni iyihe mpamvu wahisemo DUBAYI ntuhitemo ahandi?

**R.:** Impamvu nahisemo DUBAYI ni uko hari mwene wacu wagayo witwa MBARUSHIMANA Hashimu ari nawe nandikiye musaba kunteretera icyo bourse aza kunyohereza urupapuro runyemerera bourse nkaba nararuhaye Christian ndikumwe n'umukobwa witwa DONA nashyiriyeye Christian ubwa kabiri. icyo gihe twajyanye kuri Merdien adusigira icyo kunywa avuga ko ari buhadusange nyuma yohereza Chryson ngo atubwire ko atagishoboye kuza kubera ko afite akazi kenshi hamwe na se; nahise mpereza Chryson urwo rupapuro rwa bourse hanyuma tugenda n'imodoka ya Eugène MAJORO dutaha i KIGALI. Naje gusubirayo kumwaka amafaranga ya bourse arambwira ngo afite ibibazo byinshi by'amadeni ya Tam-Tam na ba taximen b'amavatiri. Abo afitiye amadeni akaba ari Paulin Gérant wa Tam-Tam, Bosco (taximen) na BAHATI. icyo gihe

hari mu kwezi kwa kane ampa rendez-vous mu kwa gatanu ngo nzaze abe ari bwo ayampa, hanyuma mu kwa gatanu nje arambeshya ngo yatumije imodoka i BURAYI ngo none ategereje kuyigombora ngo mbe ntegereje. Ejobundi kuri 19/05/1990 igihe bamfata ngo nazanye uburozi nibwo nari nasubiyeyo ngiye kumubaza programme y'ayo mafaranga uko imeze, ng'uko uko byagenze mu by'ukuri.

**Q.:** Igihe tugusanga kwa KAJEGUHAKWA mu bo wavuze wavuzemo na Jean Pierre HABYARIMANA, uvuga ko na we yaba yaragusezeraniye kuzakwigisha kugira ngo uzarase mwene KAJEGUHAKWA; ko muri buriya umaze kutubwira ko Jean Pierre mutigeze mumuvugamo, we yaje mo ate?

**R.:** Impamvu yabinteye ni iyi: Ni uko bari bahoze bambaza inkota indi hejuru (mu ijosi) ni uko mpitamo kuvuga Jean Pierre kugira ngo nikize.

**Q.:** Utubwiye ko uretse Jean Pierre wihimbiye ukamuvuga, abandi bese ari Christian wakubwiye ngo uzabavuye ngo ndetse no kubavuga igihe bagufataga amajwi kuri cassette wakomeje kibivuga kubera ko bagushyizeho itera-bwoba bagushyize icyuma ku gakanu. Igihe twe twari kwa KAJEGUHAKWA ko wongeye kubisubiramo ndetse ukamenze ko Colonel RWAGAFILITA yakwakiriye mu Biro bye na we ubwe akakwitumira, icyo gihe, ko nta tera-bwoba wari uriho kuki wakomeje kubyemeza?

**R.:** icyatumye mbyemeza ni uko bari bamaze kumbwira y'uko bagiye gutuma ku bantu bo muri famille ngo baze aho ngaho kandi akambwira y'uko anshyigikiye niyo mpamvu nahisemo gukomeza kuvuga gutyo. Iyo nza kubambizi neza ko ari abategetsi ntabwo nari gukomeza kuvuga aya magambo. Kuki se igihe nageze mu butegetsi ntakomeje kubivuga?

**Q.:** Iryo joro ubivugira mu rugo kwa KAJEGUHAKWA twakujyanye mu kigo cya Gendarmerie uraramo, urahakana ko bukeye bwaho

**KA02 1075**

*tutakubajije nta muntu n'umwe wo kwa KAJEGUHAKWA uhari ukongera ukemeza ko Colonel RWAGAFILITA, Colonel SERUBUGA na Major MUGEMANA ari bo batumye François ngo aguhe uburozi uje kuroga umuhungu wa KAJEGUHAKWA?*

*R.: Icyatumye nkomeza kuvuga y'uko RWAGAFILITA na Colonel SERUBUGA na Major MUGEMANA ari bo batumye François ngo ampe uburozi bwo kuroga umuhungu wa KAJEGUHAKWA, ni uko yari yambwiye yuko ari we maboko yanjye ko ananshyigikiye.*

*Q.: Mukanya utubwiye ko igihe twari kwa KAJEGUHAKWA ngo utamenye ko turi abategetsi ngo KAJEGUHAKWA yari yakubwiye ko turi abantu bo muri famille, uvuga ko icyo umenya ko turi abategetsi uba waravugishije ukuri ubwo se tugeze mu kigo wumvaga tukiri abo muri famille? icya kabiri: noneho se ibya protection ya KAJAGUHAKWA ni byo byakomeje kukuzirika kandi wamenye ko turi abategetsi?*

*R.: Turi muri Gendarmerie icyo gihe natekereje ko ashobora kumera protection koko ariko nyuma yaho maze kuza i KIGALI nkomeza kujya nibaza buhoro buhoro nza gusanga biriya bintu yanshyizemo byo kubyesha atari byo nibwo mpisemo kuvuga ukuri.*

*Q.: Ni ryari watangiye kubona ko ugomba kuvugisha ukuri?*

*R.: Nk'uko nabivuze mu kanya, niyemeje kuvuga ukuri saa mbiri igihe mwari mwagiye mu rugo aho ncumbitse i NYAMIRAMBO njye nasigaye mu modoka.*

*Q.: Nta kindi watubwira ushobora kuba wibagiye?*

*R.: Nta kindi.*

*Q.: Wowe se uko ubona ku giti cyawe wowe bwite urabona biriya bintu Christian mwene KAJEGUHAKWA ari we wabyihimbiye ku giti cye cyangwa hari uwo bafatanije?*

*R.: Njyewe uko yabimbwiye turi twembi nabonaga ari we wabyihimbiye, sinashoboye*

kumenya niba hari undi baba bafatanije.

*Q.: Ukabona se yarashakaga kubihimba kugira ngo agere kuki?*

*R.: Uko nabibonaga yashakaga ko biriya bintu bavuze byo kwica se bifata bariya bagabo.*

Lecture faite le comparant persiste ses déclarations et singe avec nous.

**Le Comparant :**

MANZI Djamari.

**Les OPJ verbalisants :**

Capt BIZIMANA André.  
(Sé)

NZABONIMPA Joséph.  
(Sé)

**Le dactylographe :**

Sgt KABANDA Bertin.  
511

(Sé)

## PEREZIDA WA FERWAFANGO ANANIZWA N'ABANYAMAKURU BA BAFANA.



Aho ibintu bigeze, twari dukwiye gusobanukirwa na FERWAFANGO icyo aricyo, uko ikora, ikiyitunze, n'abo ikorana nayo. Naho ubundi, twakomeza kumva ibyo bamwe bavugaga tukabifata nk'aho ari ukuri gusesuye nyamara kenshi na kenshi aba ari ibinyoma. Njyewe nigiriye muri FERWAFANGO ndibariza, bimwe ndabyirebera ibindi ndanabyisomera n'amaso yanjye. Dore nuko bimeze rero. Ye, baranditse ngaho muri Kinyamateka ngo «amakipi ararira FERWAFANGO ikariramba» ngaho muri KANGUKA ngo Perezida wa FERWAFANGO ntazi gutandukanya

«fotokopi na originali», no muri RAYON SPORTS Magazine ngo hari amafaranga abagize ubuyobozi bwa FERWAFANGO baba bishyirira mu mifuka yabo.

Muri ibi byose ukuri kuri he? Bimeze bite? Bigenda bite? Dosobanukirwe rero FERWAFANGO bavugaga n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Umupira w'Amaguru Utagizwe Umwuga rigizwe n'amakipi yo mu Rwanda agomba kuba afite ubuzimagatozi. Ayo makipi gusa azwi ku mugaragaro ni yo yonyine yitwa «Abanyamuryango nyirizina» ba FERWAFANGO nt'abandi. Ishobora kugira ariko n'abanyamuryango b'icyubahiro.

### **Ikorerwa n'abande rero?**

Kubera ko ayo makipi atatanye, akaba akwiriye mu mpande zose z'u Rwanda; abanyamuryango (abahagarariye ayo makipi), batora ababakorera

imirimo ishingiyeye ku matageko agenga Ishyirahamwe (FERWAFANGO) ryabo bakanashyira mu bikorwa ibyifuzo byose abanyamuryango bafatiye mu nama z'Inteko Rusange ari izisanzwe cyangwa izidasanzwe.

Abo baba batowe (Perezida wa FERWAFANGO), Umwungirije, Umunyamabanga Mukuru, Umubitsi Mukuru, n'Abajyanama batatu) nibo bagize ibiro Nyobozi by'Ishyirahamwe (FERWAFANGO). Tubyumvikaneho, abagize ibiro nyobozi bya FERWAFANGO ntabwo ari abanyamuryango ba FERWAFANGO. Ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa n'abanyamuryango (abahagarariye amakipi) ntabwo ari abagize ibiro nyobozi bya FERWAFANGO bibifata. Yewe ndetse aba bo nta n'uburenganzira bagira bwo gutorera icyifuzo iki n'iki!

Hatora abahagarariye amakipi gusa. Sinzi niba aha twumvikana. Mu magambo make, FERWAFANGO ni



amakipi si Perezida wa FERWAFU nkuko bamwe bakunda kubyitiranya dore ko bamwe banabyitiranya nkana! FERWAFU ubwo sinabagize Ibiro Nyobozi rero. Ariko ujya kumva umuntu atambutse ngo dore FERWAFU ubwo ni nk'aho wavuze ngo dore amakipi aratambutse!! Undi ati amakipi ararira FERWAFU ikaririmba ni nkaho yavuze ngo FERWAFU irarira FERWAFU ikaririmba! Cyangwa ngo amakipi ararira amakipi akanaririmba! Nyumvira nawe! Ubwo FERWAFU (amakipi) aririmba byaba ari ubuhoro, kuko abayigize aribo banyamuryango aribo baba bahimba izo ndirimbo, bakaziririmba ndetse byacangwamo bakanazibyina! Yakira akaba aribo baba bakize kuko uwo mutungo aba ari uwabo.

Dufate noneho ba bandi bayikorera, batorwa n'abanyamuryango (amakipi) aribo abagize Ibiro Nyobozi bya FERWAFU, batari ba FERWAFU. Aba nibwo batuma igenda, bagahuza abanyamuryango, bagategura amarushanwa, bakurikije amabwiriza y'abanyamuryango n'amategeko abagenga. Aha naho turabyumvise. Ariko se ko tubona amarushanwa y'amoko menshi, ni abagize Ibiro Nyobozi cyangwa se Perezida wa FERWAFU babyishyiriraho?

Nasobanukiwe ko ibyo Ibiro Nyobozi (cyangwa Perezida wa FERWAFU) bakora biba bishingiye ku byo abanyamuryango amakipi bemeje, n'ibivugwa n'amategeko abagenga. Ari amarushanwa, ari ibikombe bikinirwa, ari amashimwe, yewe ari n'ibihano bitangwa, bikubiye muri ayo mategeko (erega ni uko tutanabona umwanya wo kuyasoma) no munyandiko mvugo z'inama z'Inteko Rusange z'abanyamuryango (amakipi).

Nyamara hari ubwo wumva ngo Inteko Rusange yateranye ifata ibyemezo ibi n'ibi nyuma ukabona umwe mu banyamuryango bahagarariye amakipi agize FERWAFU ati buriya byemezo bya FERWAFU simbishyigikiye, ahubwo akanandikira Perezida wa FERWAFU ngo n'akore ibyo we wenyine yifuzaga kandi ibyo byemezo abanyamuryango bafashe nawe aba arimo; icyo gihe bigenda bite?

Njye ndumva ari Perezida wa FERWAFU, ari n'abandi bafatanije ubuyobozi bwa FERWAFU ntacyo

bakora kinyuraniye n'ibyifuzo abenshi mu banyamuryango ba FERWAFU bafashe. Ariko ubundi muri Demokarasi, iyo habaye itora ku cyifuzo iki n'iki, umwe cyangwa babiri mu banyamuryango ntibagishyigikiye, abandi 18 cyangwa 17 bakacyemeza, bariya bake ntibakurikiza icyi cyabenshi ra! Ushinzwe kubahiriza ashyira mu bikorwa icyo cyifuzo se we ntagomba gukurikiza icya benshi. Ndumva ari ko bimeze. Biranumvikana. Ese maye aramutse yishinze icyabariya bake aho ntiyazabibazwa, mu yindi nama y'Inteko Rusange y'abanyamuryango! Nizeye ko ibyo bidakorwa.

Amatsiko yanjye nizeye ko ari nayo yanyu, ntiyahagarariye aha, kuko nashatse no kumenya aho bya bifaranga byose dutanga k'umupira aho birigitira. Reka mbamare amatsiko. Abanyamuryango ba FERWAFU bafite ingengo y'imari itorwa n'abo bamara kuyivota, igashyirwa mu bikorwa n'abagize Ibiro Nyobozi bya FERWAFU. Hari n'amategeko agenga uko yinjizwa n'uko agabagabanwa (Règlement Financier). Ayo mategeko kandi ashyirwaho akanemezwa n'abanyamuryango (abahagarariye amakipi) muri make rero dore uko byifashe muri buri rushanwa.

Aho amafaranga ava: amwe ava muri za cotisations z'amakipi. Buri kipi itanga ibihumbi mirongo inani buri mwaka (80.000) kugira ngo yemererwe kujya mu marushanwa, abanyamuryango ba FERWAFU bashyizeho. Kubera ko amakipi menshi akenye, aya mafaranga ziyakura mu irushanwa ry'uwa gatanu nyakanga nk'uko ngiye kubibagezaho, ni nayo mpamvu nsanga amakipi menshi ahitamo uko amafaranga ava mu irushanwa ry'igikombe cyitiriye Perezida HABYARIMANA dukunze kwita igikombe cy'Umubyeyi, agabagabanwa. Abanyamuryango bashingiyeye kuri «principe de la solidarité», bifuje kandi bemeza ko bikorwa nk'uko bisanzwe bikorwa ni ukuvuga ko mu irushanwa ry'igikombe cy'uwa gatanu nyakanga amakipi yakinye ahabwa 20% (makumyabiri ku ijana) y'amafaranga zinjizwe yose kuri uwo mukino ariko k'uburyo atajya munsi ya 35.000 Frw ku makipi yagenze km 50 (40.000 Frw) ku yagenze hagati ya km 50 na 150 km 45.000 Frw kuyakoze hagati ya km 150 na 250 na 50.000 Frw kuyakoze km 250 cyangwa zirenga.

Irebere nawe impamvu amakipi menshi ahitamo irigabagabanwa. Ku makipi yose uretse aba i Kigali akanakinira i Kigali ayandi yose ajya gukinira kure k'uburyo nibura akora urugendo rwa kirometero 150. Kandi rero muri iri rushanwa nta kipi ikinira ku kibuga cyayo. Ubwo rero buri kipi ibona nibura amafaranga ibihumbi mirongo ine na bitanu (45.000 Frw). Niba iviriyemo mu mikino yijonjora imaze gukina kane ubwo FERWAFU iyihira 180.000 Frw nibura, kaba ari naho ikura ya yandi ya cotisation ayihira uburenganzira bwo kujya mu marushanwa y'umupira FERWAFU itegura.

Hari abagira bati kuki amakipi yakinye ataharirwa 50% FERWAFU nayo igahabwa 50% ngo nibwo amakipi yabona menshi. Reka da! ahubwo bigenze bityo hari izacyura umunyu. Kuko uretse amakipi abiri cyangwa atatu ariko nabwo ari uko yahurijwe i Kigali gusa, aho abafana bayo benshi bari. Urumva ko agiye gukinira ku kibuga nayo byayagora. Si ibi gusa ariko muri iyi migabane, urugero rukurikira nirwo rwakekana impamvu uburyo busanzwe bukoreshwa aribwo bwiza.

Reba nawe, Terminus ihuye na Durandal i Byumba, Egena ihuye na Lions F.C. i Rwamagana, STIR igahura na ZEBRES i Cyangu, Miroplast igahura na Etoile de l'Est i Butare, Rwamagana igahura na Mukura mu Ruhengeri, Rayon Sports igahura na Kiyovu Sports ku Kibuye, Etincelles igahura na Mukungwa i Kibungo, Panthères Noires igahura na Flash ku Gisenyi, Espoir igahura na Mugambazi kuri Stade Miroplast ikipi imwe yaruhutse nayo igakina ubukurikiyeho n'imwe muri izi. Muri iyi mikino yose n'ntanzeho urugero, imy'inshi ntiyakwinjiza amafaranga arenze 30.000 Frw, muri imwe hari nahajya haboneka 10.000 Frw cyangwa se 20.000 Frw.

Niba rero amakipi afashe 50% bya 30.000 Frw ubwo azagabana ibihumbi cumi na bitanu (15.000 Frw), imwe ibone 7.500 Frw indi ibone 7.500, FERWAFU nayo ibone 15.000 Frw niba zikinye imikino ine mu kiciro cy'ijonjora ubwo izakukana yose hamwe ibihumbi mirongo itatu (30.000 Frw) muri uko kwezi koze. Ngaho rero gukodesha imodoka umunsi wose inshuro enye bizaba byaratwaye amakipi amafaranga angana iki? Niba ari ibihumbi cumi na

**KA02 1077**

bitanu ubwo ikipi igomba kuzishyura 60.000, abakinnyi niba barira ibihumbi bitanu (5.000 Frw), ubwo inshuro enye ni 20.000 Frw bakicisha akanyota ibihumbi bibiri (2.000 Frw) ubwo inshuro enye ni 8.000 Frw.

Dufate ko imiti yo itarenze igihumbi kimwe ubwo ni 4.000 Frw inshuro enye buri kipi izaba yakinye. Hari n'izirenta aya mvuze, cyane cyane izi zifite abakinnyi badafite akandi kazi uretse gukina kandi bagomba kubona ishimwe, ngo niko basigaye bayita! Yose hamwe ni 92.000 Frw, buri kipi yasohora nibura. Ubwo yava mu irushanwa igomba kwishyura 92.000 Frw — 30.000 Frw ubwo ni 62.000 Frw. Ayo makipi yavanahe handi ayo mafaranga kandi nacishirije, ubundi agomba kuba arenze. Ziyabuze se, ubwo ntizaba zivukijwe guhatanira igikombe cy'Umubyeyi zikunda zose. Cyahatanirwa n'amakipi abiri cyangwa atatu gusa. Cotisation zigomba FERWAFU zavahe? Ziyabuze se zananutswa na Shampiyona ye, maze nayo ikaba iya abiri cyangwa atatu gusa.

Nyamara, ukoresheje buriya buryo bwashobanurwe haruguru, ubwo ikipi yasigarana 180.000 Frw — 92.000 Frw ni ukuvuga 88.000 Frw, bityo ikaba ihise ibona na ya cotisation ya 80.000 Frw, ikazemererwa kujya mu yandi marushanwa ntashiti. Akaba ari nayo mpamvu amenshi yihitiramo ubu buryo. Reka, siyo bwo zigeze mu gice cya nyuma mu byo bita Finale. Iyo hinjiye 8.000.000 Frw, kubera za 20% ziteganijwe ku makipi yakinye navuze kare, ayo makipi yombi yegukana miliyoni imwe n'ibihumbi magana atandatu (1.600.000 Frw) ni ukuvuga 800.000 Frw buri kipi!

N'ubwo nanyuzwe bwose, nashatse no kumenya aho andi mafaranga yinjira muri FERWAFU aturuka. Ngaha rero. Andi aya muri Shampiyona y'Igihugu kuko buri kipi ikinyira n'andi ku kibuga cyayo, ariko zikishyurana, ku mafaranga yose yinjijye, ikipi yasuwe itwara 85% byayo, ikagera FERWAFU 15% gusa. Naho andi akava ku gikombe cy'amakipi abiri aba yarabaye ibihangane FERWAFU igatwara kuri uwo mukino dore ko aba ari umwe gusa 80%, ubwo 20% agatwarwa n'amakipi yakinye.

Ku gikombe kitiriwe «Ishyirahamwe», aha ho amakipi yagikinye atwara 50% byayinjijye yose,

FERWAFU igasigarana 50%. Ku mikino yose ya gicuti ho ntanuwakwirirwa avuga ko hari icyo FERWAFU ibona, nawe se 95% ayanwa n'amakipi yakinye, naho 5% asigaye akaba ayo kwamamaza umupira (ya ORINFOR).

None ayahe, ayo mafaranga yinjira muri FERWAFU, yewe ibyo akoresha ni byinshi k'uburyo ahubwo ibyikuramo ahamana. Ndebera nawe, FERWAFU ihemba abasifuzi n'abagenzuzi by'umupira umwaka wose hafi 1.000.000 Frw kuwa gatanu nyakanga n'andi akabakaba miliyoni imwe n'igice (1.500.000 Frw) muri shampiyona. Itanga hafi miliyoni ebyiri (2.000.000 Frw) ku marushanwa y'amashuri, ay'amakomini n'ay'ingimbi. Igatanga amashimwe y'abagize Ibiro Nyobozi byayo barindwi, abagenzuzi b'imari, babiri, abagize za komisiyo eshanu zayo buri komisiyo ifite abantu batanu, n'abayobozi b'amakipi baje mu nama z'Inteko Rusange. Ntabwo ayo mashimwe bayahembwa buri kwezi ahubwo atangwa iyo ibindi byose bigomba kwishyurwa byakozwe. Akaba yarashyizweho n'abanyamuryango (abahagarariye amakipi) ba FERWAFU mu Nteko Rusange yo kuwa 23 Mata 1989 si umushahara namba.

Kuri aba bose bageze kuri 40 ukuyemo abayobozi b'amakipi, batangwaho hafi miliyoni ebyiri. Ayandi mafaranga agenda ku mishahara y'abakozi bahoraho n'amashimwe yabo dore ubu ari 12. Ku bikoresho, kuri telefoni, ku matangazo, ku bagenzuzi b'abinjira, ku ifata buguzi b'ibinyamakuru, k'ugukodesha ibibuga (9.800.000 Frw) kuri za kiosques zigurisha amatike (1.200.000 Frw) ku mafaranga ahabwa amakipi navuze haruguru, hafi miliyoni icumi (10.000.000 Frw) mu gikombe cy'Umubyeyi, ku mafaranga ahabwa FIFA Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi na CAF (muri Afurika) ku mafaranga yo kujya mu butumwa mu gihugu cyangwa hanze, ku mafaranga yo kwakira abayobozi b'amakipi n'ababaherekeje hafi 50 bose hamwe nyuma y'Inteko Rusange zabo (ebyiri zisanze n'imwe idasanze nibura, andi agenda kuri risansi no gukoresha imodoka ebyiri za FERWAFU (1.500.000 Frw) ku kwishyura ibirarane (3.500.000 Frw) ku makipi azasohoka ahagarariye u Rwanda hanze (2.000.000 Frw) ku

gutoza ikipi y'igihugu (200.000 Frw) n'ibindi by'ingoboka byaza (500.000 Frw).

Harya ngo amwe yigira mu mifuka ya bande? Njye ndabona uvuga ko amafaranga amwe anyerezwa atinjira mu isanduku ya FERWAFU yari akwiye gutungira agatoki abashinzwe ubugenzacyaha bakabikurikira bakamenya umujura uwo ariwe aho kubivuga ngo barekere iyo. Ndetse ahubwo mbona ko ubugenzacyaha bwari bukwiye guhera kuwa byanditse muri «RAYON SPORTS MAGAZINE N° ya 2», maze anketi zigatangirwa, n'ubutaha, bakajya babaza amacapiro tike (tickets) z'impimbano, cyangwa se umubare wazo maze bakajya no muri FERWAFU kugereranya n'izo baba bafite zagiye muri za kiosques kugurishwa, hamwe n'izasagutse, naza kiosques zazisaguye cyangwa zazigurishije zose maze impuha zigashira. Mbese ubundi babuze iki ngo bikorwe koko. Duteze amaso ubugenzacyaha rero twizere kandi ko ababeshya bazabihanirwa, ni kimwe n'abazafatwaho ubwo bujura bwo kunyereza umutungo wa FERWAFU. Bishobotse, byashyirwa k'umugaragararo bikamenyekana.

Ariko ubundi abagize Ibiro Nyobozi baba bazira iki niba bakora neza akazi bashinzwe n'abanyamuryango ba FERWAFU? Mperutse no kumva ko babahungaga ho amajwi yose kubera kubishimira, ndetse bakongererwa manda, ikava ku myaka ibiri ikajya kuri ine, bimaze kwemezwa n'abanyamuryango 16 kuri 19. Batatu bonyine nibo bifashe. Nyuma umwe mu banyamuryango ntavuze izina yaje kubyamagana nyuma y'inama y'Inteko Rusange yari imaze kongera iyo manda kubera ko ngo imyaka ine yaba ari myinshi cyane, kandi ngo abanyamuryango babyemeje bahubutse bigatuma barenga ku mategeko bari bamaze igihe gito bishyiriyeho ubwabo, ndetse n'ubuzimagatozi bamaze kububona.

Gusa hari icyo mbyibazaho. Maze kwibonera ayo mategeko abanyamuryango bagenderaho (statuts z'Ishyirahamwe ryabo) nibaza ahubwo uriya munyamuryango ubyangwa icyo yaba ashingiyeho. Ndebera nawe. Ayo mategeko aha uburenganzira abanyamuryango bwo guhindura zimwe mu ngingo zayo yaba yifuzaga zo zihinduka. Ibi biri mu ngingo ya 13 zayo.

Naho ndetse ingingo ya 33 yo ivuga ko iyo iramutse icyo izihindura mo, hagomba ubwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango. Igihe bari mu nama y'Inteko Rusange yabo yewe nta nahamwe yewe hananditse ko hagomba Inteko Rusange idasanzwe. Bibiri bya gatatu fero bya 19 tuvuga ko ari 13. None byemejwe n'abanyamuryango 16!

Ahubwo iyo ucengeye ayo mategeko, usanga hari aho avuga ko abo bamaze kwitorera babonyeho ubushobozi buke, Inteko Rusange idasanzwe iterana, maze abanyamuryango bakaba babafatira ibyemezo byo kubakuraho (iyo ni ingingo ya 25) kuki rero ubwo buryo butakoreshwa niba bibaye ngombwa. Naho ubundi mu by'ukuri ndabona nta manda y'imyaka ibiri. Umwaka umwe wo gushyiraho gahunda yo gukurikiza n'undi wa kabiri wo kwitegura gusezera utarashyira iyo gahunda mu bikorwa! Nyumvira nawe. Keretse niba uriya ubona ko imyaka ine ari myinshi, nawe yaba yifuza gutata mo umwanya mu biro nyobozi ku buryo gutegereza iyo myaka yose abona yamurambira cyangwa se yaba yifuza kuzishyiraho uwe mu myaka ibiri iri imbere.

Ariko ibi ni ibyo nitekerereza sinabibwiwe nawe. Nta n'undi wabimbwiye. Harya ngo guhindura ingingo iyi n'iyi yo muri sitati byaba

bigomba kubikorera umushinga. Umushinga se bivuga ko kugira ngo wigwe ugomba kuba wanditse ku mpapuro. Njye nagira ngo umushinga n'icyo umuntu yifuza gushyira mu bikorwa, yaba yarabyanditse cyangwa abifite mu mutwe! Ese kuki wa mugari FERWAFWA yo itakora nk'ibyo ahandi iyo usomye Jeune Afrique n° 1538 yo kuwa 26 Kamena 1990, urupapuro rwa 83, simbonye abanyafurika barashakaga ko ingingo zimwe na zimwe z'amategeko agenga Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku isi yose zihinduka, n'ubwo batagize amahirwe ngo izo bifuzwa zose ngo zihinduke, barabishinze umwe muri bo Said El Maamy, akabivugira aho uwo muni, imbere y'Inteko Rusange y'abanyamuryango. Hari n'uko nabajije, ambwira ko manda imyaka ibiri yari isigaranye FERWAFWA gusa, uretse SEYCHELLES yari ifite umwaka umwe none nayo ikaba yarayishyize kuri ine.

Abandi bati bariya bantu b'intiti batazi gutandukanya originali na fotokopi, imyaka ine ntiyababera myinshi, ntiyazajya gushyira barabijambije. Birashoboka. Ariko se, amategeko yemera izihe nzandiko mu byerekeye mu gutanga impushya zivana umukinnyi mu gihugu kimwe aya gukina mu kindi (fotokopi ziremewe, hemewe se «originali»). Ni kopi se? Iyo usomye ya ingingo ya 12 y'amategeko ingenga mikorere y'Ishyirahamwe

ry'Umupira w'Amaguru ku isi, ho bivugira ko kugira ngo umukinnyi yemererwe gukina mu kindi gihugu, Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru avuyemo ryohereza impushya ebyiri (2 exemplaires de certificat de transfert), uruhushya rumwe (un exemplaire) rukoherezwa FIFA (Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku isi yose) (un autre exemplaire) rukajya mu Ishyirahamwe ry'igihugu umukinnyi agiye gukina mo, ubwo n'iryo avuyemo, risigarana urundi.

None se, niba data habaho «originali», yoherezwa nde? Muri ariya mashyirahamwe uko ari abiri. Ese maye yaba isigara kubayitanze, muri FIFA se, nko muri FERWAFWA se? Cyangwa kubera ko bamwe baba batazi n'ibyo ari byo bakabyitiranya. Niyumviye ko ndetse ko ngo FERWAFWA yohereza CAF (Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru muri Afurika) za fotokopi z'impushya (certificats de transfert) z'abakinnyi b'abanyamahanga baba bazajya mu marushanwa muri Afurika, CAF kugeza ubu ikaba arizo yakiraga. Umutima mwiza, nta kibazo. Ariko se wa mugari, fotokopi ikozwe bihereye ku nyandiko zirizo, iyo fotokopi yaba ibuze iki? Iki ni uko hari uwabanza agahindura inyandiko «originali», noneho akaba ariyo akorera fotokopi akayohereza. Naho ubundi fotokopi iyo ihuye na originali nta kibi kirimo.

## UNE FEMME MEURT A L'HOPITAL. DEFAILLANCE ORGANISATIONNELLE CHRONIQUE DU C.H.K. POURTANT A QUELQUES PAS DU MINISANTE.

La propreté est mère de la santé. Pourtant la saleté semble être la devise du Centre Hospitalier de Kigali.

Nous tous, nous sommes appelés un jour à tomber malade jusqu'à en être hospitalisés ... En plus Kigali a un hôpital (clinique), appréciable — bâtiment ... Osez visiter l'intérieur! Vous aurez de la nausée. Vers le 2 Mai 1990, une jeune femme a été hospitalisée suite à une malaria chronique, elle avait deux enfants avec elle dont l'ainé devait avoir au moins trois ans et l'autre une affaire de 18 à 20 mois, mais il ne savait pas encore marcher.

Après quelques deux semaines plus tard, cette jeune femme guérit, mais atteinte cette fois-ci par la tuberculose!

Elle en mourut ... Une bonne samaritaine a pris en charge le gosse de 3 ans et le pauvre cadet trainaille dans la salle de l'hôpital, mendiant des reliquats que laissent certaines malades. Pour plus de précision c'était dans la salle (4). Etant donné que personne de la famille de la disparue ne s'est présentée, les prisonniers ont dû l'enterrer deux jours après. Pourtant le CHK est à quelques pas du Ministère de la Santé Publique!

Est-ce que le Ministre à la Santé Publique a déjà au moins visité certaines salles? A-t-il du temps pour ça? Ou s'occupe-t-il d'autres affaires privées? Ceci est un exemple vécu! Il y en a trop! Et s'il y avait un minimum d'organisation la pauvre femme allait-elle mourir? Nous demandons cependant à Monsieur Placide Ministre de la Santé Publique de prendre

conscience de la dégradation chronique du CHK et prendre d'abord toutes dispositions d'y remédier au lieu de s'occuper de ses affaires privées!

Il est très juste et honnête de s'occuper d'abord des problèmes sociaux internes au lieu de chercher à connaître ce qui se passe en occident, motif : colloque sur le sida etc... et pourtant l'on se cherche une occasion pour mieux connaître l'Europe, l'Amérique... Cette odeur nauséabonde parfumant la pauvre salle 4 et les malades superposés comme des casiers de bière doit disparaître. Là dedans notre ministre ne peut pas y mettre 2 minutes, il va fuir! suite à ce parfum désagréable qui exale les salles des malades.

ZEMBE Joseph M.

**PROCURATION SPECIALE.**


Je soussigné, KAJEGUHAKWA Valens, déclare donner tous pouvoirs à Maître MUFALIKANWA Felicien, Avocat, B.P. 1133 Kigali, de me représenter dans l'affaire RMP.61161 S4 H.F. RP.3342 90.

A cet effet, il peut citer en justice, comparaître, plaider, conclure, former toute opposition, appel ou pourvoi en cassation signer tous actes au procès, prendre les mesures conservatoires, faire tout devoir utile à la sauvegarde de mes intérêts.

Fait à Kigali, le 17 juin 1990.

**KAJEGUHAKWA Valens**

**KAJEGUHAKWA NGO ARIFUZA KO URUBANZA RWE RWA SUBIRWAMO.**



**PROCURATION SPECIALE.**

Je soussigné, KAJEGUHAKWA Christian, déclare donner tous pouvoirs à Maître MUFALIKANWA Felicien, Avocat, B.P. 1133 Kigali, de me représenter dans l'affaire RMP.61161 S4 H.F. RP.3342 90.

A cet effet, il peut citer en justice, comparaître, plaider, conclure, former toute opposition, appel ou pourvoi en cassation signer tous actes au procès, prendre les mesures conservatoires, faire tout devoir utile à la sauvegarde de mes intérêts.

Fait à Kigali, le 17 juin 1990.

**KAJEGUHAKWA Christian**

## **IKINYAMAKURU KANGUKA NI ICYO GUSOMANA UBWITONZI.**

Uri i Kinyamakuru nkaba umuntu, mu by'ukuri ikinyamakuru KANGUKA cyaje abantu benshi bari bategereje ibinyamakuru byinshi byigenga. Ariko rero ngo amava mu rugo iyo atitondewe avutsa umugabo umugati, kandi ngo «imihini mishya itera amabavu» KANGUKA rero waje uvuga neza ariko rero siko byakomeje kugenda, kwitwa ibinyoma n'ibintu bidafututse, ndetse unanitwaza yuko nku kuri kwawe kuzuyemo ibinyoma kuraca mu ziko ntigushye, uraya kuko benshi twamazekugutahura, kandi ngo iryabonetse ntiriba rikishe isuka!

Basomyi rero ntimukaryoherwe n'amagambo yanditse mu binyamakuru aryo shyamba nka sukari, ngo mwibwire yuko kuvuga ko perefere runaka Minisitiri runaka yariye umuhanda aribyo bizatuma dutera intambwe mu majyambere duharanira. Ntangazwa cyane cyane no kubona KANGUKA ifite amapaji agera kuri 18 uva ku ipaji ya mbere nkagera ku ya nyuma icura itiku, mu gihe mu gihugu cyacu havugwa inzara yatewe n'ibihe byahindutse, ndetse n'ubutaka bwagundutse. Nkaho rero bagiriye inama abaturage uko bashyira amafumbire mu mirima, uko bacukura amashwagara, dore ko na henshi mu gihugu cyacu ibaboneka ngo bayicisha ubusharire ubutaka bwacu bufite, ahubwo bagashishikazwa no kuvuga ko umuhanda wariwe, amadovize yibwe, ko KANGUKA banga kuyicapira, n'ibindi byinshi bitateza imbere.

Mu by'ukuri niba amadovize yarariwe, umuhanda warariwe, mu bibwirwa na nde ko nta icyo muheraho ngo mucyerekanwe. Ese ayo mategeko agenga itangazamakuru muhora mwifuzwa mukeka yuko naramuka

anemejwe yuko azashyigikira ibihaha mu kwiza mu baturage. Umukuru w'igihugu ati NSHYIGIKIYE ITANGAZAMAKURU, ARIKO SINSHYIGIKIYE IMPUHA. Nizera yuko abazemeza ayo mategeko batazarenga kuri iryo. Mu by'ukuri rero sinzinduwe no gusebanya cyangwa se gushyamirana n'abagize ikinyamakuru KANGUKA ariko, rero uvuze yuko nyiri urugo yapfuye siwe uba umwisha.

Kandi rero intego yacu abanyarwanda ni iyo guhanana nkuko na kera na kare byahozwe iwacu, kuko nta muryango ubura ikigoryi! uretse yuko iyo bakigoragozaga bakagihana cyikanga bagicaga kuko cyabaga cyananiranye. Muri iyi nyandiko yanjye kandi nta rufefeko nkoresha, ahubwo ndahera ku ngingo zanditse mu numero mwebwe ubwanyu mwiyandikiye, kuko ariho nahereye, nzitekerezaho ngasanga zifutanye. Hato rero hatagira uwitwaza yuko natumwe!

### **KANGUKA ni iki-nyamakuru cyuzuyemo amatiku.**

Ariko se uwo NDUWAYEZU muvuga mu numero yanyu 40, kandi mukamushyira mu majwi, azabone ibifutanye abure kubikosora kandi mu byo ashinzwe birimo. Aha ndavugaga gukurikiranira hafi abazana umwuka mubi mu banyarwanda, aha ngo ni ugushyigikira itangazamakuru, ko hari aho muvuga muri iyo numero ngo «Inyoni yafashwe igurukanye umutanyu, ngo niyicwe kuko n'ubundi ariyo yayamaze».

Ibyo ntibyaba bifitanye isano n'imwe mu nyandiko zanyu mwanditse

ku rubanza rwa RUHAMANYA, muvuga yuko yahishira abarya byinshi bakagenda ku bana b'intama? Ese aho murondora abategetsi muri yo numero 40 abantu babegakaho ngo bafite uruhare muri KANGUKA, aho ntimwaba mutera bakikiriza? Ko mbona umudiho n'injyana ari imwe. Aho ntawe nciraho iteka ahubwo ndakeka. Ni iki gituma mugera ku Mukuru w'igihugu mugashyiraho akabazo n'agatangaro? Ubwo se utwo twatuzo duhekeranye turasobanura iki?

### **Ibyo KANGUKA yandika bimwe nta bimenyetso baba babifitiye.**

Kubona mwihandagaza mukavuga yuko icyobo cyacukuwemo umucanga wo gusuka mu muhanda wa ROKOMO-BYUMBA, aricyo ndiri y'imibu itera malariya mu ba Nyabyumba uko si ugusiga inkuru isukari mukayinogereza? Ibyo se niya mibu yambuka za Kibali, Muvumba, za Mukarange n'andi makomini ya Byumba ntavuze igatera malariya abanyabyumba bose?

KANGUKA ita perefere wa Byumba acumbitse mu nzu y'umutamenwa ndetse ngo ni we wenyine ucumbikiwe mu ba perefere bo mu Rwanda, ubwo uwababaza ibimenyetso mwabitanga? Perefere mushya wa Byumba akihagera yahasanze inzu ebyiri, harimo imwe yari isanzwe ikodeshwa.

Ahitamo imwe akurikije uko umuryango we ungana. Ubwo se amakosa yakozwe ni ayahe?

N'abakozi bose bakora i Byumba perefere BARIYANGA yarabasanze. KANGUKA ita i Byumba barinubira abategetsi baturuka mu karere kamwe.

Uzabeshyere abanyabyumba ikindi?

Mbere yo gusohora iyi nyandiko mwaba mwarabajije abashinzwe ngo babe wenda babaha ibisobanuro.

Nkiri i Byumba, ngo umuhanda Rukomo-Byumba wagombaga kugera kuri Banki y'Ubucuruzi ya Byumba, ngo maze musenyeri ati «utageze iwanjye sinakongera gutanga amasakaramentu» KANGUKA sibeshyera uwihaye Imana koko ishaka iki?

Mu by'ukuri iyo mwandika inkuru nka ziriya mukuje mu zitandukanya na byenda gusetsa, kuko buriya ni ugusiga imvugo mugakabya. Dusubire n'i Kigali aho muvuga yuko aba G.D. birirwa birukanka kubana bacuruzi udutabi n'utubombo. Ko ari mwebwe se muhora muvuga ngo byose bize k'umurongo n'iki gituma mushyigikira abo bana kandi bakora ku buryo butemewe n'ubutegetsi. Ejo ni batabaca KANGUKA izaba ibonye inkuru ishyushye, amakashi yinjire. Mu gihe nasomaga ibyo byerekeranye n'aba G.D. nakuvise n'inkuba aho muvuga ko abo ba G.D. bafata utwo dukarito bakatugurisha, ndetse mutanga urugero kuri Kiosque iri imbere ya Hôtel Gloria, mu by'ukuri tureke gusebanya kuko bitubaka, ahubwo bisenya. Mu gihe muzaba mwatanze inkuru ari imvaho yerekana umu G.D. wagurishije utwo dukarito umunyarwanda uwo ariwe wese yazamushakira ikimukwiye. Ndetse sinzi niba jilabda (commandant) ubashinzwe azavunira ibiti mu matwi!

## Buri muntu n'akazi ke.

Muri iyo n° yanyu 40 mukomeza muvuga ukuntu aba G.D. bahagarika imodoka za Taxi, mu gitondo iri kuri recherche (ishakishwa) umu G.D. azihorere ngo ni ukugira ngo ijyane abakozi ku kazi, ubwo se uwo mu G.D. ko nawe azaba ari ku kazi ke nayibona mu gihe cyo kujya ku kazi umushoferi wa Taxi yatendetse azamureke ngo ni abakozi! Ni batabikora KANGUKA izaba ibonye inkuru ishyushye yuko imodoka z'abategetsi zitagihagarikwa kandi zikora amakosa ubwo amakashi yinjire.

## KANGUKA yanga abivanga kandi intebe ari iyabo.

Natangajwe no gusoma imwe mu nyandiko zanyu isebya MUHURI, yuko yihaye kuvuga kuri radiyo asubiza umunyamakuru w'umudamu w'umubirigi witwa Marie-France niba nibuka neza izina rye amubwira ku byo yari yanditse ko ubutegetsi bwibereye muri Nord (amajyaruguru y'igihugu) ibyo yamushubije uwateze amatwi radiyo yarabyumvise si mbisubiramo rero kuko atari cyo cyanzinducye. Mwamushebeje rero muvuga ko atari we mutegetsi uri hejuru, mu Rwanda ngo abe ariwe wagombaga kumusubiza. Ariko se mwebwe mwivanga KINYAMATEKA y'ubukombe idahari! Uhagarariye KANGUKA se we yibagiye yuko igihe ava muri Amerika yatangaje avuga yuko

hari abamukurikirana bamubaza ibye, ngo nkaho hari ushinzwe kumenya uko akora! We se ni nde? Wamushinze kumenya uko abandi bakora?

## Ubugabo si ubutumbi.

Iyo mutinyuka gusebya abacamanza ngo benshi dufite nta mashuri bafite, ngo yabarirwa ku ntoki, mwiye bagije yuko na kera gacaca zakoraga! Zakoragamwose n'abafite angahe? Ubu se nta bantu benshi bazwi na rubanda nyamwinshi ko bakora neza kandi nta mashuri menshi bafite?

Ko Directeur wa KANGUKA (RAVI) adafite amashuri bitumye atabaye igihangange mu gihugu!! Abo mubonye ko bakora nta mashuri menshi bafite, icyangombwa ni uko bagakora neza bikagaragara. Ibya KANGUKA uwabivugaga bwakwirira bugacya. Basomyi bayo rero ndabasaba ubushishozi buhagije hato mutazagwa mu rwobo ngo ntumwabwe. «Ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka» Ibinyamakuru bitubwirira amakuru y'imvaho turabyifuza, yemwe na KANGUKA nta cyo yari itwaye, iyaba yavugaga inkuru itabanje gusiga. Ndarangiza kandi ngira inama ibinyamakuru KANGUKA na KANGURA yo kutagira ibinyamakuru byabo nk'amashyamba abiri ashyaniranye, kandi kuko intego yabo ya mbere yaba iyo kubwira abanyarwanda amakuru y'imvaho, aho gushyira ifaranga.

HABARUREMA William  
Professeur au Groupe Scolaire  
S.T. François Xavier  
B.P. 45 Byumba.

## PAPA W'ABANYURURU.

Papa uje mu Rwanda, ngo nta ntungane uzabona ino! nyamara abazimu bazo basaba guterekerwa muri Gereza ya Kigali. Yohani umenye ko abo bakiranutsi bazize inkoni z'abandi banyururu, bazize imirire mibi babura indyamo, babuze imiti kandi binjiza umutungo. Pawulo wibuke ko igihe watotezaga imbaga witwa Sawuli usenya, urasanga no mu Rwanda abafungisha abandi gusa mur ibwa bugome. MUSHUMBA wibuke ko muri gereza nta ntama zibayo, haba inka ziragizwa inkoni, inka za kijyambere, ngo ziba iburayi tuzanira icyororo cy'izo.

MURISA waza ruhaya abanyururu ntibakeneye imigisha mu kuboko kwawe kuko mu kw'abayobozi ba Gereza

kwabayobagishije mu bibando. MWUNGERI w'ikirenga rengerana abanyururu bahaze ukarisitiya, reka utwo tugati mvaburayi, kuko bafite ubugari buhumurira inzoka. Twe abatahira muri Gereza twifuza ko uzaha umugisha amasoko kuko imyaka yose icururizwa muri 1930 ariyo igabanya werewere n'izindi ndwara. Twe abarenzamasemase amase yacu turayiraba ngo duse n'abasazi bo inzara itica. None se turye iki ko nta gakoroto k'isoko? ntitunasurwa ngo ntidukatiye. Wowe wicaye ku ntebe ya RUTARE ngo nta ntungane uzabona ino.

None se abo bicwa n'indwara abafomokazi banabwewe n'iki? Wowe witwa Inkoni izamba, wibuke ko

Substiti yadukubitishije abajandarume ngo dusinye twemera ibyo tutakoze nawe umucamanza arangize urwakaswe. Wowe USHAGAWE nyarukira muri Gereza urasanga abarimo benshi bataraburana. Uriya umazemo imyaka 19 ataraburana umusimbuzwe umucungu wa Gereza zose. Wowe duhamagara DATA nutabona intungane n'imwe usome itegeko nshingira ingingo ya 12 abere bitabye Imana bataburanye.

Wowe MANA ifatika, iyo yindi yo yifataniye n'abategetsi yahindura amazi divayi ikananirwa no gutubura Gereza imwe. Wowe KINYAMASWA kitaryana, cyonsa imbohe, wari uziko abagororwa barara hanze imvura ikabahitiraho kandi bubaka ntubazanire



bibiriya bahe amatafari. Twe abanyururu twinjira tuzi ko Leta yatugeneye ibiringiti n'akenda ariko turinda dusohokamo nta n'agapande. Bucyeye ngo inda z'abanyururu ni zo nini.


Koko, ngo turya byinshi byiza? Wowe uzaze urebe, niwemererwa kwinjira kuya 6 Werurwe 1990 haje abashyitsi, ariko batashye batabonye Gereza yose bayibone bate se kandi abatambaye batemerewe kugaragara. Bayibone bate se kandi ibiryamo bisasurwa ngo batabona isaso mbi. PAPA ntuzarutwe na MAJYAMBERE Silas wemerere Gereza itanki y'amazi. Abanyururu babura n'ayo kunywa, ni ibya nyirigiceri cy'abarinda robine.

Amazi ni macye, MUSA w'i Roma, kubita inkoni mu matama abayobozi ba Gereza bayaruke maze ELECTROGAZ yohereze andi. MU Rwanda amazi ntiyabuze ariko muri 1930 turara ijoro dutonze umurungo ku muyoboro kandi hanze no kuri Perezindansi ameneka. PAPA, na gushatse, ntuzangere imbere kuko winjiye ntizajya ku mashyiga, ngo utabona ingese z'ingunguru dutekamo turiramo. Iyo Musenyeri NSENGIYUMVA atohereje uturayi cyangwa

agasukari nitumenya ibindi biribwa. Kandi twifuza SOYA ikingira indwara. Iyo tuba si ahantu MUBYEYI, ntukahagere turakwiringiye, tugutuma ku mubyeyi ariwe Perezida wa Repubulika nyirimpuhwe utanga imbabazi. Uzamutubwirire uti zijye zijyera no ku batarakatirwa batigeze

«ndemeye» zijyere no ku batarakatirwa kandi bamaze imyaka itatu bafunze. Uzatubwirire MUJYANAMA ko tumukunda ku buryo twifuza kubana nawe. Erega nawe ni grand frère, kandi ubutabere ntibuba muri Minisiteri gusa!

BARAKANGARA Veremiya.



## UDUKURU N'UDUTEKEREZO.

Umukobwa uganira n'umusore usetsa akanashyenga agomba kwitegura gusesengura ijamba «ndagukunda» ryarozwe bene abo basore. Kuba yagusekeje akaba yakunogeye mu biganiriro birahagije ngo nawe umusubize ngo «nanjye nuko».

— Umukobwa w'umupfayongu hamubwiye ko ari mwiza ahita yihina mu mbere, aterura icyiroro arireba. Hasinze akanya arikirigita maze araseka. icyiroro kiba kiramucitse no hasi ngo kocokoco. Ariyumanganya afata icy'umuhanda, hepfo no haruguru biba urujya n'uruza ngo abahisi n'abagenzi abagezeho ubwiza.

Ubusanzwe umugabo ntakunda umugore ahubwo niyo mpamvu ye nyayo yo kwikunda ubwe. Nyamara hari igihe iteka rikuka: iyo umugabo akeka ko uzatuma abasha kwikunda amwereka ko atamukunda we nibwo amukunda bya sérieux.

— Ha mbere aha kuri Stade National Amahoro, hari imbaga nyamwinshi yari yaje kureba umupira w'amaguru wari wahabereye, abashinzwe umutekano bibabera ngombwa ko bashyira abantu ku mirongo uburyo bakoresha burazwi: Caporal wawe agaturukira iyo nk'ya gatera akubita atera imigeri azitaguraaa..

agera ku mukobwa, nyamukobwa aramumwenyurira amugerekeraho no kumuterekera amaso bimutegeka gucisha make.

Umurego wari wazamuye indembo uhanagurwa n'intege nke zayimanyuye. Umuhungu wari ugishishira izo yari amaze kumiriranya bunguri avugira mu matamatama ati «Nibyo koko, inkuba irakubita umukobwa agakinga ibere».

— Umukobwa wiki gihe tugezemo bamubajije impamvu adakubura mu gitondo cya kare nk'abakera arasubiza ati «C'est évident» abakera bambaraga udushabure imbere nta makariso arimo. Rero babyukaga kare abantu bataratangiye kugenda ngo batavaho bagira uwo batera umwaku bahenereje ngo barakubura. Twe se twawutera duta? have ye! Iyo mpamvu yo kuzinduka twarayitsinze. Umva amakariso arahari, ingutiya nuko, ubwo igitenge kikabijya hejuru. Iryo jisho mugabo!!!

— Mu muco w'abatanzaniya abagore babo bubaha umugabo bagakabya: nta burenganzira bafite bwo kwimubira ko umugabo wabo abasuriye. Biratangaje ahubwo kubona ukoze icyo gikorwa «gitagatifu kuribo» gihabwa. Nyamara ahandi muri Afrika iyo

umugore asuragura mu gihe cy'imibemano cyangwa akayigiramo ingeso yo gukorora arasendwa kubera ko aba atamenyerereye amashyamba. Mbega impamvu.

— URAMA ifite ubushake bwo kuvugurura, kuvuganira no guteza imbere abari n'abategarugori habuze n'umwe mu bagize uwo muryango wavuga ko yabonye mu ndoto ze ko muri iki gihe tugezemo ibintu bigomba guhinduka noneho n'abakobwa bagahwa abahungu? Niba nta wabirose kureshya ku ihyo biremwaga kuzakomeza kwibera inzozu. Niba kandi ahari icyo giterekerezo kizamugora kimumeze imvi, yipfira asize umuco nyarwanda ari uyu: umuhungu niwe ukwa.

— Nk'abakobwa bafite amazina nyarwanda atangirwa na se, sha, sa... aribyo kuvuga SEBURIKOKO, SERUBUGA, SHAMUKIGA, SANKIMA kimwe n'andi mazina abanyarwanda twagucyeye igitsina gabo cyangwa twita kubera impamvu itahabwa ntiyite, iyo batekereje ku muco wa ba se mu byo kwita amazina babarundumurira mu mufuka wanditseho «abanyarwanda» cyangwa «abiganye nabi». Wasanga ishema ryo kwitwaga aya mazina ryarabibajije kubitekerezaho. Murakoze.

Issa NYABWENDA



**KUKI ATITWA PEREZIDA WA  
REPUBULIKA YA MBERE?**